# Isi Yongeye Guhungabana

Shreveport, Louisiana USA
27 Ugushyingo 1963

1 Amen. Imana ibahe umugisha. Mushobora kwicara. Ni ukuri ni byiza, kugaruka muri uy'umugoroba kandi nkabumva musingiza Umwami, no kugaruka imuhira nkababona mwese. Nategereje iki gihe kuva k'umunsi w'Umuganura ubushize, igihe narindi hano, kongera kugaruka kw'itorero ryanjye kandi. Sinzi aho yagiye. Nguriya. Ndikwibaza niba akivuga amen kuri ibyo, murabizi. [Mwenedata Moore avuga « Amen. » Birashimishije kuba ndi aha. Kandi nategereje cyane, nkuko nabivuze, kuva k'Umuganura w'ubushize.

2 Tumaze kuva mu mugi wa New York City, aho twagize amateraniro meza. Imana yahaduhereye imigisha myinshi. Kandi twari kuri Morris Auditorium, hari huzuye abantu, no mu mihanda barimo. Abantu bari bahagaze hanze, bategereje. Iyo umuntu aza kwinjira, nibuze umuntu waruje kureba, yari kubyibazaho. Abantu, bajya k'urusengero, havugwa ikintu kitabashimije, bagahaguruka bagasohoka. Kandi, bari bari hanze hariya, batora umuntu uri bwicare mu wanya wuri busohoke. Buri mugoroba, narazaga, hafi aho y'inzu, abantu babaga buzuye aho no mu muhanda. Rero, Imana yaduhaye umugisha kandi yakijije abantu, kandi no gukira indwara zikomeye byarabaye.

Kandi noneho, ku ifunguro rya mugitondo n'abikorera, twagiranye ibihe byiza, bari bagurishije amatike yo kurya. Ntekereza ko bahaye amatike abantu benshi batari bafite uburyo bwo kuyagura. Noneho, mu bikari hari huzuye, mu byumba, mu miryango n'ahantu hose. Kandi twagize ibihe byiza. Hari umupadiri w'umwepisikopariya n'abandi benshi, ariko Imana yaduhaye imigisha myinshi

3 Noneho, twahise duhagarara mu rugo, iwanjye handi, i Jeffersonville. Ariko, iy'imyaka ibiri ishize, nsigaye ntuye i Tuscon, Arizona, nkuko mubizi.

Nkandi noneho, ndi ku nzira itaha njya i Tuscon, kubw'ifunguro rya mu gitondo n'abikorera rizaba mu cyumweru gitaha i Phoenix. Hariya, nyuma y'itariki ya mbere y'umwaka, tuzatangira ibiterane, hariya mbere gato y'ibiterane mpuzamahanga, cyangwa bisanzwe by'abikorera, hariya ku macumbi ya Ramada.

Kandi birashimishije kuba hano muri uyu mujyi mwiza wa Shreveport, muri uyu mugoroba.

4 Mu by'ukuri, mvuga igihe kirekire. Ariko ndi bugerageze kugabanya amasaha ku buryo biba nk'amasaha atatu cyangwa ane, noneho. Nkandi ndabizi ko mbananiza, ariko murabona, niho mba baboneye. Abenshi batabа Imana mbere yuko mba… mu Bwiza mbere yuko mbabona. Ariko, ndibaza : « ariko, ubu nibwo tugiye kubonana bwanyuma mbere yo gufata indege. » Kandi benshi baragiye, kuva kiriya gihe, umwaka ushize. Kandi niba Umwami atinze kuza kandi akatwemerera kugaruka hano umwaka utaha cyangwa ikindi gihe, hazaba hari benshi muri twe turi hano, yenda jyewe ubwanjye. Ntabwo tuzi igihe twahamagarwa. Kandi murabizi Imana ishobora kuza muri iki kigoroba mbere yuko amateraniro arangira.

5 Muby'ukuri, uko mwese munzi, ntabwo ndi intyoza, ntabwo ndi mumubwirizabutumwa. Nkunda Imana gusa kandi nkakora uko nshoboye kubw'icyubahiro Cye. Iyo mpagaze hano kuri iki gicaniro, nziko neza ko umugabo nka Mwene Data Moore n'abandi bagabo bakomeye bahahagaze, numva ntari mu mwanya wanjye ; ariko sibyo nshaka kuvuga. Ariko, ndashaka kuvuga ikibonezamvugo cyanjye n'ibindi, niba abantu batankundaga, bahaguruka bagasohoka mugihe nje ku gicaniro. Ariko, baranyihanganira gusa ; ndabibashimira.

6 Buri gihe nza mfite iyo ntego. Nsinza hano kugira ngo bambone,ntabwo ari byo ; iyaba ari byo, nabasura murugo, murabona. Nza hano kugira ngo nkore uko nshoboye kubw'Umwami Yesu Kristo, mu gihe mba ndi hano. Ntabwo ndi hano kubw'iy'indi mpamvu itari iyo kumukorera, kandi mbagezaho Ijambo nkuko mba narihawe, gusengera abarwayi n'abababaye. Muby'ukuri tuzagira imigoroba ibiri ; mwenedata nanjye, tuzaterana dusengere abarwayi.

7 Rero, buri kigoroba, turifuza ko buri wese utari umukristo, twizera ko hari ikiribuze kuvugwa cyangwa gukorwe, kizatuma muba abakristo. Niba mutari we, niba mwari jyeze mwizera Umwami Yesu Kristo, kandi mukaba mwaramwemeye, kandi mukaba mwarabatijwe ariko mutarabona Umwuka Wera, ntume ibi bihita. Iki kigoroba kibe icyawe. Muby'ukuri, mwibuke, hazaba harimo amazina menshi muri kiriya gitabo. Igihe izina rya nyuma rizonjyerwaho, bizaba ari byo. Kandi wasanga ari ryawe rishobora kuzuzuza igitabo.

Ubwo Umwana w' intama yigiraga imber, Agafata Igitabo mu kiganza cy'iburyo cy'uwicaye ku Ntebe, cyari Igitabo cy'ubucunguzi, kandi ayo mazina yanditswe mbere yuko isi ishyirwaho urufatiro. Igihe izina rya nyuma ryahamagawe, Igitabo, gahunda, n'ibindi byose byahise bihishurwa, ibimenyetso birindwi byafunguwe n'Umwana w'intama. Ubwiru bwose bwa Bibiliya bwari buhishemo. Iyo tuza kuba dufite umwanya, nari…

8 Tumaze kubona ibyo Bimenyetso Birindwi, vuba aha. Nifuzaga kubisubiramo. Yoo ! Mbega ukuntu Umwami yaduhaye umugisha ! Benshi muri mwe bumvise babivuga, basomye mu kinyamakuru Life, kandi n'ibindi byabaye muri icyo gihe. Ubwo bafataga ifoto, n'iy'abamalayika barindwi, nkuko byari byavuzwe, ko tuzajya iburengerazuba… Yari yarambwiye, amezi atatu ashize, aho bizabera nuko nzabyifatamo,

nkandi byari byo. Kandi n'ibyuma bifotora, oh ! Ku birometero amajana, bahafatiye amafoto, aho nyine. Ibyo bysri byaravuzwe ! Ntakwibeshya. Kandi niba narigeze kwigisha ikintu gihumekewe, ni Ibimenyetso Birindwi. Bityo rero, nzi ko turi mu bihe bya nyuma.

9 Igihe izina rya nyuma rizaba ryanditswe muri icyo gitabo, cyangwa izina rya nyuma rizaba ricunguwe, rizaba ryanditse muri icyo Gitabo, bizaba birangiye, Azaza kwaka abo Azaba yaracunguye. Kandi bishobora kuba bizaba ari ibihe bibidasanzwe. Mwigeze mu bitekerezaho ? Kandi abantu bazakomeza bigishe, itorero rizaguma ryibwire ko abantu bakomeza gukizwa. Bizaba byararangiye, byose bizaba byarangiye, murabona, Ubutumwa buzajya kubazimiye, nkuko byabaye mu gihe cya Nowa, iminsi irindwi mu nkujye. Ni nabyo byabaye mu gihe cya Sodoma. Yesu we ubwe, igice cya gatatu cy'umurimo We, yagiye kwigisha ubugingo bwari bwararohamye iteka ryose, bwari muri gereza, butigeze bwihana mu gihe cyo kwihangana, mu gihe cya Nowa. Ntabwo tuzi igihe ibyo bishobora kuza.

Tube ababuriwe. Ntitugume gusa aho, tugire icyo dukora kuri icyo kintu. Niba tutari muri gahunda nziza n'Imana, tujye muri gahunda n'Imana.

10 Rimwe, ntekereza, ku gice cya 11 muri Matayo, ku murongo wa 6 cyangwa ibindi nk'ibyo, aho ntabwo mpizeye neza. Ni ku gika cya 11 ; kandi aho ndahizeye. Rimwe, Yohana yohereje intumwa ze kujya kureba Umwami Yesu, bagiye kumubaza niba ari We cyangwa niba bagomba gutegereza undi. Aravuga ati : « 'Mugende mubwire Yohana ibirimo kuba'. Mumubwire ngo : 'Hahirwa uwo ntabera ikigusha !' »

Noneho, mu gihe banyuraga ku musozi, bishoboka ko Yesu yabitegereje, arababaza ati : « Ni iki mwagiye kureba ? » Arababaza ati : « Mwagiye kureba umuntu wamabye imyenda ifite agaciro ? » Aravuga ati : « Abo baba mu ngoro z'abami. Urubingo ruhungabanywa n'umuyaga ? » Aravuga ati : « Ndabibabwiye, birenze umuhanuzi. Niba mushobora kubyakira, ni we umuhanuzi yavugaga, Malaki 3, avuga ati : « Dore nzatuma integuza yanjye izambanziriza. »

11 Intumwa zabajije iki kibazo. Barabaza bati : « Kuki abanditsi bavuga ko, abigisha b'Ibyanditswe, bavuga ko Eliya agomba kubanza kuza mbere yuko… ibyo bintu byose bisohora? » Noneho, mwibuke, yabwiraga Intumwa, atari abafarisayo. Intumwa, zarabajije ziti : « Kubera iki abanditsi bavuga ko Eliya azaza bwa mbere ? »

Yaravuze ati : « Eliya yamaze kuza, bamufashe nkuko bashaka, kandi ntimwigeze mu mumenya. »

Byagenda bite, umunsi umwe mwisanze muri mugihe cyo cy'akababaro cyangwa ikindi nk'icyo , maze mukabaza muti : « Muby'ukuri, natekerezaga ko izamurwa rizabanza kuba ? » Murabona ? Ijwi rimwe riza gusubiza riti : « Izamurwa ryamaze kuba, ariko ntimwabimenye. »

« Ibyabayeho mu gihe cya Nowa, aho ubugingo umunani barokowe n'amazi, hazabaho nka byo, mu kuza k'Umwana w'umuntu», aho ubugingo umunani bwarokowe n'amazi, bizamera kimwe mukugaruka k'Umwana w'umuntu. » Abantu bakomeza kujya mbere, batekereza ko bari gukora byiza, kandi byose bizarangira. Oh Mana, tugirire impuhwe ! Tubashe gusuzuma none aha, muri iyi migoroba, kugira ngo tumenye aho turi. Twongere twunamishe imitwe.

12 Mwami Yesu, nkuko mfite ibi bintu mubitekerezo, ibyo byeretswe iri torero, byerekwa bariya bantu. Yoo Mana, ndagusabye ngo ukize buri bugingo i Shreveport, bwanditswe muri cya Gitabo. Niba hano hari abatarokowe, Data iki kibe igihe cyo kurokorwa. Niba hari abari mu iteraniro muri uyu mugoroba, reka uyu mugoroba ubabere uwabo.

Ha umugisha Mwene Data Moore, na mushiki wacu Moore, n'umuryango wabo, n'abana babo n'abuzukuru babo. Oh Mana, turagushimira kubera bo. Mwene Data Lyle, Mwene Data Brown kandi n'abandi bene Data bari hano mu rusengerero, Mwene Data Don, n'iki gikundi cy'abantu b'intwari, abanyamuryango bose bari hano, n'abakristo, turagushimiye kubwabo.

13 Kandi turasenze, Data wa twese, ko uyu muhuro wacu kuri uyu munsi w'Umuganura… Uyu ushobora kuba ari umuganura wanyuma aho tutazongera guhura kuri iy'isi, ubwo ; oh Mana, dufashe dukuremo inyungu kandi tubashe kugaruza igihe. Kandi turabizi ko nta gihe gisigaye, twifuza gukora ibishoboka, mubushobozi bwacu bwose, kugira ngo dukore akazi ku Umwami Yesu mbere yokuza Kwe. Sinzi impamvu, ndumva Ategereje ko turangiza akazi. Noneho ngwino udufashe, Mana, muri iki kigoroba, nk'umuntu, buri wese, yumve ko bimureba kugira ngo tujye mu mihanda cyangwa mu baturanyi, kugira ngo tugarure abazimiye, kugira ngo barokorwe.

Ha umugisha Ijambo ryawe. Ijambo ryawe ni Ukuri , Mana, Ukuri kose. Turasenze, mu gihe turi gushyiramo imbaraga zo kumanyurira aba bantu umugati w'Ubugingo, Ukuri, Umwuka Wera uze, kubera umubiri wakomerekeye hariya i Kaluvari, aho icyaha cyawukomerekeje, kandi ukongera kwigabanya muri twe, igihe cy'ubu busabane ku Ijambo. Kuko tubisabye mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

14 Noneho, niba mubishaka, ndashaka ko mufata… benshi muri mwe mukunda kwandika imirongo

y'umushumba, umubwiriza asoma. Ndashaka gusoma umurongo muri uyu mugoroba mu Gutegeka kwa Kabiri igice 4, kuva ku murongo 7 kugeza ku murongo 14. Hanyuma, Urwandiko rw'Abaheburayo, igice 14, umurongo 25 kugeza ku murongo29, Gutegeka kwa Kabiri 4.

*Ni irihe shyanga rikomeye, rifite ibigirwamana biba hafi nk'Uwiteka, Imana yacu, ituba hafi igihe cyose tuyiyambaje ? Kandi ni irihe shyanga rifite amategeko n'amahame bikiranutse nk'iri tegeko ryose ndimo mbabwira uno munsi ? Uwiteka, Imana yacu, ni iyacu twese buri gihe tuyihamagaye ? Ni ikihe gihugu gifite amategeko kandi kiyakurikiza, nkayo mategeko ndikubereka uyu munsi ? Ahubwo, irinde kandi urinde ubugingo bwawe, buri munsi w'ubuzima bwawe, kugira ngo utibagirwa ibintu amaso yawe yabonye, kandi ntibisohoke mu mutima wawe ; uzabyigishe abana bawe kandi n'abana b'abana bawe. Wibuke umunsi uziyereka imbere y'Uwiteka, Imana yawe, i Horeb, igihe Uwiteka ambwiye ati: Mbwirira ubwoko buze hano ! Ndashaka kubumvisha Amagambo yanjye, kugira ngo bige kuntinya mu gihe bazaba bari kw'isi ; kandi kugira ngo bazabyigishe abana babo. Mwegereye kandi mwahagaze munsi y'umusozi. Umusozi warimo ushya, kandi umuriro warazamukaga kugera hagati mu kirere. Hari icuraburindi, ibicu, umwijima. Kandi Uwiteka yabavugishije hagati mu muriro ; mwumvise ijwi ry'amagambo, ariko ntimwabonye isura, mwumvise ijwi gusa. Yatangaje isesezerano Rye, Yabategetse kubahiriza amategeko cumi ; kandi Ayandika ku bisate bibiri by'amabuye. Muri icyo gihe, Uwiteka antegeka kubigisha amategeko, n'ibyo Yategetse, kugira ngo muyashyire mu bikorwa mu gihugu mugiye kwigarurira.*

15 *Noneho, mu Abaheburayo, igice cya 14, guhera ku murongo wa 25. Ntimukange kumva urimo avuga ; kuko niba abo batararokotse kubera ko banze kumva uwarimo atangaza ibyavuzwe n'Imana ku isi, twarokoka dute, niba tudashaka kumva uvugira hejuru mu ijuru, We, ijwi Rye ryahindishije umushyitsi isi, kandi noneho Watanze iri sezerano : Kandi nzongera mpindishe umushitsi isi n'ijuru, indi nshuro. Ayo magambo : Indi nshuro, yerekana impinduka y'ibintu byahinze umushyitsi, nk'ibakorewe igihe kimwe, kugira ngo ibintu bidahungabana bibeho. Ariyo mpamvu, twahawe ubwami butanyeganyezwa, dushimire Imana tuyitura igitambo kiyinezeza, mu kubaha Imana, no kuyitina, kuko Imana yacu ni umuriro ukongora.*

16 Rero, mfite inyandiko n'imirongo imwe y'Ibyanditswe, nshaka kureberaho igihe cy'iminota micye nk'uko nshaka guha umutwe utangaje. Kandi, amabande araboneka igihe cyose umuntu ayakeneye. Bwana Maguire uri hano azabaha ibyo bintu. Kandi ndashaka gufata icyo cyanditswe, nako gukura muri icyo cyanditswe, umutwe ukurikira : Isi yongeye kandi guhinda umushyitsi.

17 Ejo ndimo nza, tuza, nako ni ejobundi, twanyuze Memphis, muri Tennessee, twagezeyo dutinze inyuma ya saa sita, cyangwa nimugoroba. Abana n'abantu bakuru bari buzuye mu mihanda, byari biruhanije kwambukiranya imihanda. Nza kwibaza nti, « Habaye iki ? » Abantu ntabwo bari bambaye nk'abari mu materaniro y'ivugabutumwa, ahari nk'aya mwenedata Billy Graham cyangwa Oral Roberts. Uko biri kose, ntabwo natekerezaga ko abo bombi bari muri ako gace muri icyo gihe. Abagore bari bambaye amapantalo, abana babazengurutse, bambaye amasarubeti, n'imyenda y'ubururu bwa kazi. Nuko nibaza icyabaye ; ariko nyuma twarabimenye. Bari bagize ikirori cya Père Noel. Hari ibihumbi byinshi byari biri aho, bireba aho mu mihanda. Twagize ibihe bibi mukunyura Memphis, kuko bwari gucya ari Noheli.

18 Noheli ni umunsi mukuru w'ubucuruzi ku buryo wataye ishusho yawo y'umunsi w'umuganura. Muby'ukuri, mu isi y'ubucuruzi, uko biri kose, umunsi w'ubucuruzi ukururwa cyane na Noheli, nkuko abantu benshi bahaha. Bakirengagiza umunsi w'Umuganura. Kandi tubona nkuko twegereje kandi Noheli, nibwiye ko byaba byiza ko tubivugaho, mu gihe tuyegereje. Nkuko, muby'ukuri, Noheli, ntabwo…

19 Twizihiza isabukuru y'amavuko ya Kristo tariki 25 z'ukwa cumu na kabiri, ariko, abantu bose bazi ko atari isabukuru yo kwibuka umunsi Kristo yavukiyeho. Yari isabukuru y'amavuko y'ikigirwamana zuba cy'Abaromani, ubwo itorero ryahindukaga, cyangwa umunsi ryahindutse itorero gaturika, ibyo byakorewe mu nama yitwa 'Concile de Nicee'. Aho byakabaye umunsi wo kwibuka ikigirwamana zuba, bawugize isabukuru y'amavuko y'Umwana w'Imana. Ni muri icyo gihe izuba, riba riri… uhereye tariki ya 21 kugeza 25 Ukuboza, ntabwo nibuka uko byitwa. Ni bwo rimara isogonda rimwe cyangwa abiri iyo rinyura muri urwo rwego. Yari umunsi bibukagaho kuvuka kw'ikigirwamana zuba, baza kubisimbuza Umwana w'Imana maze bawugira umunsi wo kwibuka ivuka Rye, kugira ngo ibyo bihure n'imigenzo yabo ya gipagani. Muby'ukuri, ntabwo ari umunsi w'amavuko ya Kristo, habe na gato.

20 Ntiyashoboraga kuvuka icyo gihe ; muby'ukuri, Ubuyudaya, icyo gihe, buba buri mu gihe cy'ubukonje bwinshi muri ayo matariki ya 25 Ukuboza, haba hari umuyaga urimwo urubura, haba hakonje cyane. Abashumba ntibashobora kuba bari ku misozi ; hari impamvu nyinshi zerekana ko ibyo bintu bidashoboka.

Gusa, Yavutse, dukurikije ibyaremwe, nk'ibindi biremwa byose, Yavutse mu gihe cy'itumba. Ubusanzwe intama zivuka kw'itumba ; Yavutse ari intama. Jyewe nizera ku giti cyanjye mu kwezi kwa Werurwe, Mata hafi aho, itumba ritangira.

21 Ariko, tubona barawugize umunsi mukuru w'ubucuruzi. Imihanda yuzuye abantu bakubitana intugu, batongana bapfa ubusa, babazanjya iyihe mpano baha umuntu runaka, angahe igura.

Umunsi umwe, naratunguwe. Nari ndi ahantu, abagore babiri bavugaga ku mpano yo guha se ku munsi mukuru wa Noheli y'uwo mwaka. Umwe aravuga ati, « Mfite ilitiro rya wisiki », undi ati, « Namuguriye ikarito y'itabi », kimwe cyangwa ikindi muri byo. Bavugaga ukuntu uwaguze wisiki yatanze menshi kurusha uwaguze itabi.

Rero, naribajije nti, « Ese, ntiyari kuba ari umwanya mwiza wo gutura igitambo mu rwego rwo kwibuka Yesu Kristo, Umwana w'Imana ! » Mbega urupfu !

22 Ndabona isi yacu muri ako kababaro irimo ubu, yanduye ahantu hose, nta buryo na bumwe isi yagasubirana. Dukwiye kwitondera ibyo dukora byose muri ino minsi. Kuko ubu dufite, muri icyo cyorezo, kimwe mu byago bikomeye, kandi kimwe mu bikomeye… Ntabwo twigeze dutekereza ko ikintu nk'icyo cyagera muri Amerika, ariko kirahari uko biri kose. Ni ukubera uburangare twagize kw'Ivanjiri batumye ibyo biribwa nayo mafuti kandi bizarushaho kuribwa. Nta gushidikanya na guto muri njye ko ibyo bintu bizagenda birushaho kuba bibi.

Ariko, turabona ko, iyi Noheli, kubwo kugaruka ku mutwe wacu, isanga abantu bakiri uko bari bameze hashize imyaka 2 000, mu Kuza kwa Yesu. Ibyo ntibyahindutse kuva icyo gihe. Muby'ukuri, iriya Noheli, babonye isi ihungabana, bashakaga Mesiya ushobora kuyibeshako. Kandi ni cyo kimwe uno munsi, turimo gukora. Isi irimo guhungabana bundi bushya.

23 Muby'ukuri ntabwo ari hano gusa muri Amerika, ni mu isi hose, aho wajya hose, isi y'iyobokamana, isi ya politike, byose, indangagaciro z'ab'isi. Ibyo… Ntabikibaho, ni byo… Usanga indangagaciro mu bantu beza, ntibakibaho, ni gake baboneka. Biteye isoni. Politike n'ibindi byarapfuye, kugera aho byose, ari ibisebe binuka kandi byaboze, kuva ku mutwe kugeza ku birenge, isi yose. Iyobokamana ryacu, politike yacu, indangagaciro zacu, byararangiye ! Nta buryo na bumwe bwatuma ibyo bintu bibaho. Byaramurangiranye. Tugeze ku iherezo y'inzira. Ni uko biteye.

Twebwe, nzi ko twabivuzeho kuva mbere, ariko muri ino minsi, ibyo bizaba byarenze urwego rw'ikintu kivugwa, bizaba ikintu cy'amateka, tuzisanga hanze, niba tutitondeye iki igihe.

24 Ndibaza niba twebwe, kuri iyi Noweli, niba Imana yongeye ikamwohereza nkuko yamwohereje hashize imyaka 2 000, niba Amutwoherereje muri 1964, nibaza niba tutamukorera nk'ibyo abandi bamukoreye. Nibaza niba Ukuza Kwe, niba mw'isi ya politike cyangwa iy'iyobokamana Yakwakirwa neza kurusha uko yakiriwe kiriya gihe. Nibaza niba dushobora kumwakira kurusha uko Yakiriwe. Ariko, tuzi ko bamuhakanye kiriya gihe.

Twamugira dute Aje ? Yenda, isi y'iyobokamana, iyo ndibuvugeho, bamukorera ibyo bamukoreye kiriya gihe. Bamubamba babishoboye, ku mpamvu zimwe bamubambiye kiriya gihe. Ntabwo bahindutse.

25 Kuki bakoze ibyo ? Kuki babambye uwo basengera Ukuza Kwe kw'isi, kugira ngo Abakize, Abakure mu kajagari ? babambye ikizere bari bafite. Kuki ? Kuki bakoze ikintu nk'icyo ? Ni ukubera ko, ubwo Imana yasubizaga isengesho ryabo, Yarishubije mu buryo batari biteze. Ubwo Yazaga, ntabwo Yaje uko tewolojiya yabo yabyigishije.

Kandi Aramutse Agarutse ubu, Yaza nkuko ; bitandukanye nuko isi ibishaka cyangwa tewolojiya y'amatorero, bitandukanye na tewolojiya kuri ibyo. Araje. Ni nk'abana b'Imana, iyo bagiraga ibibazo, barasengaga, maze Imana ikabasubiza, kandi Ikabaha ibibafitiye akamaro. Ariko, barabyangaga kuko bitabaga bije uko babishaka. Bangaga Ijambo ry'Imana, kandi We ni Ijambo.

26 Muby'ukuri, Imana mu bisekuru byose, igihe cyose, iyo Itangiye… « Kera, mu bihe byinshi no mu buryo bwinshi, Imaze kuvugira mu bahanuzi, Imana, muri ibi bihe bya nyuma, Yavuganye natwe mu kanwa ku Mwana Wayo, Yesu Kristo », tubona ko buri buhanuzi bwagombaga kujyana n'igisekuru runaka. Ni nk'umwami Nebukadenasoro, ubwo yarotaga, isi y'abanyamahanga, kuva ku mutwe kugera ku birenge, kandi Daniyeli yatanze ubusobanuro bw'izo ndoto ; zari ubuhanuzi bw'isi yose, iteka ryose, buri kiciro cy'ubwami bw'abanyamahanga, uko kizagenda kuva ku mutwe kugeza ku birenge. Kandi abahanuzi bagiye bavuga ubuhanuzi bwagombaga gusohora muri buri gisekuru.kandi iyo Imana…

27 Abantu bagwa mu bibazo, maze Imana ikabasubiza. Ibohereza umuhanuzi usizwe cyangwa indi ntumwa, kuko Idashobora kwivuguruza ku ijambo yangeneye icyo gisekuru. Rero, icyo Ikora, nuko Yohereza intumwa yo kugira ngo isohoze igice cy'iryo Jambo ry'icyo gisekuru. Iteka niko bigenda, murabona. Yashyizeho Ijambo Rye kuva mu itangiriro. Yumvikanishije Ijambo Rye. Kandi, muri buri gisekuru, iyo bagiraga ibibazo, bashoboraga gusenga, maze Imana ikabohereza umusigwa. Kandi uwo musigwa yasohozaga iryo sezerano ry'icyo gisekuru, isezerano ryabaga ryarasezeranijwe kubw'icyo gisekuru. Kandi nibyo Ikora igihe cyose. Imana ntijya ihindura gahunda Yayo. Muby'ukuri, ntituzigera tubona Imana ihindura.

28 Imana yabishyizeho rimwe na rizima, uko Izarokora umuntu, hari mu ngobyi ya Edeni, kubw'amaraso yamenetse. Twagerageje ubundi buryo bwose, kuva ku bibabi by'umutini kugera ku nyigisho, ubumenyi bw'imitekerereze y'umuntu, imikorere y'amadini, n'ibindi, ariko ibyo byose byaranzwe, kandi ibyo ntibyigeze bikora, ntibizigera bikora. Imana izahura n'umuntu munsi y'Amaraso yamenwe gusa, kandi niho honyine Izahurira n'umuntu, kuko icyo nicyo cyabaye icyemezo Cye cyambere. Ntizigera Ihura n'umuntu mu myitwarire myiza. Ntanarimwe Izigera ibikora ! Nimugaruke ku Ijwi ry'Imana. Ni byo Yari yaravuze mu itangiriro. Kandi Ntigira iherezo, Ntishobora guhinduka, uko Yari Iri niko Izahora. Ni aho Ihurira n'umuntu honyine. Niyo mpamvu tutagira ubusabane muri iki gihe ; niyo mpamvu itorero itatanye, kuko buri wese yatandukanijwe n'idini. Kandi iyo bakoze batyo, Imana ibatera aho nyine. Ishaka ko dusabanira munsi y'Amaraso, aho dusangiye byose, munsi y'umusaraba. Ni umugambi w'Imana gukora ibyo ! Imana yohereza Ijambo Ryayo.

29 Kandi tubona ko isi y'iki gihe imeze nk'isi ya kiriya gihe. Ibona politike yayo, n'ibindi, byose birimo gusenyuka, mu gihe dutegereje mesiya wayibeshaho.

Muby'ukuri, ijambo mesiya, risobanuye ikintu gisizwe. Imana ! ibi ni ihishurirwa rya Yesu Kristo, Igitabo cyose cyari gifungishijwe n'ibimenyetso birindwi bya Yesu Kristo. Yesu Kristo yari mu gitabo cy'Itangiriro ; Yesu Kristo yari hagati mu Gitabo. Yesu Kristo yari mu Kuva no mu Itangiriro, Yari hagati mu Gitabo kandi Yari mu Isezerano Rishya no mu Ibyahishuwe, kugeza ku iherezo, uko Yari ari ejo niko Ari kandi niko Azahora iteka ryose. Byose ni Imana !

30 Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo yahoranye na Jambo kandi Jambo yari Imana. Kandi Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe. »

« Nyuma yo kuvuganira na basogokuruza mu kanwa k'abahanuzi, mu bihe byinshi no mu buryo bwinshi. » Kuko Ijambo ry'Umwami ryazaga ku bahanuzi, kuri bo bonyine, nuko babaga basizwe kubw'Ijambo, bari bafite uburenganzira bwo gusobanura Ijambo. Kandi Imana yakoreraga muri bo, Ihamiriza ko Ijambo ko ari ukuri. Niba muri mwe hari umunyamwuka cyangwa umuhanuzi, Jyewe Uwiteka, Nzamwiyereka. Kandi niba icyo avuze gisohoye, mu mwumve. Niba ibyo bidasohoye, ntimukamwumve. » Birumvikana ku muntu wese, nta kindi.

Muby'ukuri, turi hano, mu minsi yanyuma, aho dutegereje kandi Kugaruka k'Umwami.

31 Muby'ukuri, nibutse umuvugabutumwa w'umubatisita wa mbatije mu Izina rya Yesu Kristo, ubwo nari nkiri umusore w'ingimbi. Yari afite akamenyero ko kuganira nanjye kuri ibyo no kuri Yohana Mubatiza. Yaravugaga ati, « Mwenedata Billy, ubwo Yabwiraga Yohani ati, « Reka nkubatize hanyuma Yohani akareka Yesu akamubatiza, kuko tuzi ko Yohani Mubatiza atari yarabatijwe ; nyamara yabwirizaga umubatizo. » Muby'ukuri, ibyo byari byaranshobeye.

Ariko, nta gihe gishize, ibyo byampishuriwe bitya : Bahuriye aho mu ruzi, intumwa ebyiri zikomeye, isi itigeze kugira : umugabo warutaga abahanuzi bose, yari Yohani, « Mubabyawe n'umugore, ntawigeze kuza uruta Yohani » ; kandi hari n'Imana yigaragaje mu mubiri. Kandi mwibuke, nkuko Bibiliya ibitubwira iti, « Ijambo ry'Imana riza ku bahanuzi. » Muby'ukuri, Ijambo ryari ryagizwe umubiri, umuhanuzi yari aho mu mazi. Ijambo n'Umuhanuzi bari hamwe, baramenyana ! Ni byo. Ijambo ubwaryo, ryagizwe umubiri, Umwana w'Imana mu mubiri, Yasanze umuhanuzi mu mazi.

32 Umuhanuzi yaravuze, « Ni jyewe ukeneye kubatizwa na We, kuki Uje kuri jye ? »

Yaravuze ati, «Emera ubikore, kuko ari byo bidukwiriye ngo dusohoze gukiranuka kwose. »

Murebe ! Yohani yari umuhanuzi, yari azi ko Yesu ari igitambo. Kandi igitambo cyagombaga kozwa mbere yo kucyerekana nk'igitabo. Ari yo mpamvu Yabatijwe.

Yoo ! Uno munsi, birakwiye ko dusohoza dutyo ibikiranutse byose by'uyu munsi. Isaha ni iyi. Bibiliya itubwira ibigomba gusohora uyu munsi. Tuzi ibyo Bibiliya ivuga ko bigomba gusohora uno munsi. Biradusaba kwihambira ku Mana kugeza ubwo ibyo bintu bisohora. Isaha ni iyi ! Dusengere umusigwa uzaducungura, kuko Imana yarabidusezeranije.

33 Bataye Ijambo risizwe ry'Imana, ni yo mpamvu isi isenyuka, yarashwanyutse. Kandu tubona ko muri iki gihe yongeye gusenyuka. Mbona, nkuko nabivuze, ko politike yacu yaboze ; ubuzima mu rusengero buraboze. Habaye iki ? Dore intandaro : iyo ugiye kure, igihe icyo ari cyo cyose, ya gahunda y'Imana, uzisanga muri ruswa. Ibyo ntibishobora kugumaho. Ijambo ry'Imana ntiritsimbuka, ntacyarisimbura ; ntibishoboka !

34 Uburyo bwacu bwokwigisha, amadini yacu, byafashe umwanya w'Umwuka Wera muri gahunda y'itorero. Inyigisho nziza z'abakozi b'Imana, n'abandi, byafashe umwanya w'amateraniro y'amasengesho y'ijoro ryose no kwegera Imana mu buryo bwa kera twari dufite. Muby'uki, aho kugira abavugabutumwa, dufite abavugizi, abagabo bazi neza ijambo, bashobora kwicara hariya, bagashyira ibyo bintu byose hamwe, ugatangazwa n'ukuntu babyifatamo. Bazi ijambo, ariko ibyo sibyo mbaraga. Turashaka imbaraga.

Ubumenyi ntacyo bumbwiye, ndashaka kumenya imbaranga. Ibyo bimara iki ?

Ntabwo nzi uko iriya modoka igenda. Ifite ibyangombwa byose, ariko ntabwo nzi imbaraga ikoresha. Icyo nzi cyo, ni imbaraga ziyitwara.

Ni cyo tuzi. Imana yatanze isezerano, « Nzasuka Umwuka wa Njye ku bantu bose, abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura. » Izabyifatamo ite ? Nsishobora kubibabwira. Ndashaka gusa kumenya imbaraga z'Iby'Imana. Ni cyo cyangombwa.

35 Twize cyane ijambo k'uburyo byose byabaye ijambo. Byamara iki kugira imodoka idafite imbaraga ziyatsa ? Bamara iki kugira amatara niba nta muriro urimo ? Murabona ? Dufite ibyangombwa byose, dufite amashuri, abarimu n'abandi bashobora kwigisha umuntu ku buryo ahagarara ku gicaniro azi kuvuga neza. Ibyo ntabwo bimanura imbaraga z'Imana. Imbaraga z'Imana zahozeho cyera mu itorero, zirihe ? Umumugisha w'Imana watembaga mu itorero uri he ? Ni yo mpamvu isi yacu isenyagurika, nuko twagiye kure y'amahame nyakuri y'ibanze y'Imana, twinjije abantu mu mikorere y'Imana n'ibindi tubinyujije mu nyigisho. Kandi nibyo byadushyize mu mibereho turimwo uno munsi. Ntekereza ko ari yo mpamvu isi irimo isenyuka.

36 Ibyo bikorwa byabayeho ku isi kuva igihe cya Nowa. Tubona ko igihe Imana yari ifite Nowa, umuhanuzi wo gukiranuka, avuga Ubutumwa bwe, hariho ibikorwa by'urukozasoni icyo gihe, nkuko Bibiliya ibivuga, « bararyaga, baranywaga, barashakanaga, bahanaga abageni. » Tubona ubusambo, urukozasoni n'ibindi, byabayeho icyo gihe. Hanyuma, isi yarasenyutse kuko abantu bari baranze Ubutumwa bw'Imana bwo muri icyo gihe. Nowa yari umuhanuzi usizwe w'Imana, yoherejwe n'Imana n'ubutumwa bw'Imana, yari yaraburiye abantu mbere yuko haba gucibwa urubanza. Baramusetse, baramutyora, baramushwaza kandi imikorere y'isi yose yasenyutse icyo gihe, maze bicwa n'amazi yo mu nyanja. Ni byo. Kuki ? Bari banze Ubutumwa bw'igihe.

37 Tubona ko ari cyo kimwe n'ibyabaye muri Egiputa, ubwo Mose yasohoraga abana ba Israel. Imikorere yose yari yaramunzwe na ruswa. Kandi tubona ko ibyo byongeye, ubwo Imana yoherezaga intumwa Yayo isizwe kubw'Ijambo. Byari ugusohoza Ijambo Rye. Mwavuga muti, « Ese kwari ugusoza Ijambo Rye ? »

Yari yarabwiye Abraham ibyo azakora. Kandi hari umuntu wagombaga kuhaba, muri icyo gihe, kugira ngo abesheho iryo Jambo imbere yabo. Imana yohereje Mose We hariya, kandi ikintu yari Yasezeranije gukora, Mose yaragikoze kuko yari Ijambo risizwe ry'icyo gihe. Yavuze ko ari ryo rizacira urubanza isi y'icyo gihe. Ijambo ry'Imana riravuga riti, « Nzacira urubanza iryo shyanga n'ibimenyetso bikomeye kandi bifite imbara. »

38 Aho hari hari umuntu, umuntu usanzwe nka we na njye, ariko yari afite Ijambo ry'Imana, yigiye imbere maze arema ibintu kubw'Ijambo. Yayoye umusenyi, maze aravuga ati, « Uyu musenyi uhinduke amasazi. » Kandi Ijambo ry'Imana, mu kanwa kuwo muhanuzi, nkuko yari isaha byagombaga kuberaho, amasazi yatwikiriye isi yose. Yatwikirije isi ibikeri, n'inda. Yayitwikirije ibyorezo bitandukanye, n'ibindi. Muby'ukuri, Imana yari yatanze isezerano, hari hageze ngo isigwe, Ijambo risizwe ryo muri icyo gihe barimo.

Ni cyo dukeneye uno munsi, ntabwo ari ugusubira mu mikorere y'amaseminari, ahubwo ni Ijambo risizwe ryo mu gihe turimo.kubwo kugaragaza Yesu Kristo ku isi : « Uko yari ari ejo, niko Ari kandi niko Azahora. » Hariho gahunda yashyizweho yuno munsi, isezerano ry'Imana. Kandi uburyo bumwe bwo kugira ngo tujye mu buryo, ni ukubona iri Jambo risigwa. Ni byo. Niko bigenda igihe cyose. Yego.

39 Tubona imico mibi mu gihe cya Nebucadnestar. Yari afite umugabo usizwe. Ubwo inyandiko yagaragaraga ku gikuta, imana yari ifite umugabo wo kuyisoma.

Mu gihe cya Lot n'Sodoma, tubona kandi isi yahungabanye. Imana yarokoye abagombaga kurokoka.

Igihe cya Yesu Kristo, tubona iyo mikorere yashyizweho n'abantu yatumye isi yibona muri ibyo bibazo, hamwe na politike yo muri icyo gihe, ku buryo isi yose yahungabanye, kuri Noheli ya mbere.

Kandi ni byo twakoze, twarahindukiye maze tuvanga Ijambo ry'imana n'iyobokamana twitunganirije, kugera aho ibyo bisenyuka. Ni kuyihe mikorere twakwishingikiriza ? Ni kuyihe mikorere twakwizera : imikorere y'abametodiste, ababatiste, abaperisibiteriyani cyangwa abapantekoti ? Nta nakimwe dushobora gukora keretse kugaruka kuri iri Jambo risizwe kubw'iki gihe turimo. Iriya mikorere idakomeye, yaramunzwe. Ni imikorere yakozwe n'ibiganza by'abantu, ntabwo yabakiza. Nta bugingo bubamo. Ubugingo buba mu Ijambo ry'Imana. Ni Ubugingo. Ni ko Yavuze.

Ni nka kera, batangiye gusenga ubwo bisangaga ku mpera y'urugendo rwabo, nako ari uko basumbirijwe, niko byagenze mu gihe cya Nowa, mu gihe cya Mose n'abandi. Iyo babonaga ko batagishoboye kujya mbere, icyo gihe batangiraga basenga, iteka Imana irasubiza. Nuko Yesu aravuka.

40 Isi yo muri icyo gihe, yarasenyukaga. Buri shyanga ryari ritegereje Mesiya, neza neza nkatwe uno

munsi. Roma yaritegereje umuntu w'umuhanga ukomeye wari kuza iwabo, umuntu ukomeye mu gisirikare, ku buryo yari kuza akarimbura Abagereki n'isi yose. Ubugereki bwashakaga nk'ibyo, ubuntu ushobora kubabwira ubuntu bakwigarurira isi dose.

Isi y'iyobokamana y'Abayuda yari itegereje umujenerale ukomeye. Batekerezaga ko Mesiya azamanuka mu Ijuru, afite inkoni nini y'icyuma mu biganza, Akamerera nabi Abaroma, Azayivanaho Akayijugunya mu nyanja. Kandi muri byose, bari bategereje kubona umujenerali.

41 Ni nk'amadini yo muri iki gihe, bategereje umuntu udasanzwe. Uburusiya butegereje umuntu udasanzwe. Uburasirazuba buramutegereje. Amahanga Yunze Ubumwe aramutegereje. Amatorero aramutegereje. Ariko se ni muntu ki bategereje ?

Uburusiya butegereje mesiya usizwe, ufite ubwenge ku buryo azamenya uko bakwigarurira ikirere, bagatanga abandi bose kugera ku kwezi. Bashaka kwigarurira isi.

42 Ariko, murebe, iyo basaba ibyo bintu, ntabwo babisaba uko Yesu yavuze. Dushaka kugira Imana agahungu ko gutuma : « Mwami, nkorera iki ! Jyenda ukore iki na kiriya », kumubwira icyo akora.

Yesu yaravuze ati, « Nimusenga, mujye musenga mutya : 'Data wa twese wo mu ijuru, Izina ryawe ryezwe. Ubwami Bwawe buze. Ubushake Bwawe bukorwe' », turamwiyeguriye, tumweguriye inzira zacu. Ibyo turi byo byose, turabimweguriye. Ni bwo Imana ikora, iyo muyiretse ngo ikorere muri mwe, atari mwe, mugira icyo muyikoraho.

Mureke Imana ibahe amategeko, atari mwe muyiha amategeko, mucurika ibintu : « Ngwino mu mikorere yacu, yoo Mwami, tugire twese abametodiste, twese abapantekotiste, ima kuri byose. Dukeneye umuntu w'umuhanga, twebwe abapantekoti, twebwe abametodiste, n'ababatiste. » Dufite amashuri ya seminari, twubaka manini cyane, tuvuga tuti, « Imperuka iri hafi, Kuza ku Mwami », mu gihe twubaka amaseminari n'ibindi byagaciro k'amamiliyoni y'amadolari. Tugamije iki ? Kubona Mesiya. Ni byo.

Umwami, agire icyo ahagurutsa hariya, buri idini rigifate. Ni byo. Mundebere. Mwitegereze ubwo gusengera abarwayi byatangiraga, havutse abavuzi bakimana bangana iki ? Buri wese yashakaga kuba umuganga wa kimana.

Habayeho Mose mu gihe cyo gusohoka. Habayeho Eliya, Elisa, Yesaya n'abandi.

43 Uno munsi, tubona isi ishaka mesiya wayo bwite. Uburusiya burashaka uwayo, Leta Zunze Ubumwe zirashaka uwayo, isi y'amatorero irashaka uwayo. Buri wese arashaka mesiye we, ariko arashaka uwo ashobora kugenzura. Yoo ! Ntagushidikanya ! Yego, bo, niba bashoboye kumubona ! Imana iramutse iboherereje uwo bashaka, ntagushidikanya bazamwemera. Ariko, murebe, Imana yari izi ibyo bakeneye. Ntabwo Yasezeranije gusubiza irari ryacu ahubo Isubiza ibyo dukeneye.

Bashakaga umujenerali, babonye Uruhinja. Murabona, ni we bari bakeneye. Bari bakeneye Umwana kugira ngo abacishe bugufi, kubatesha agaciro.

44 Ni byo uwo mwirasi w'itorero akeneye uno munsi : kongera guca bugufi. Tugeze aho nta rujijo rukiriho, nta rukundo rukiri mu bantu. Wagira ngo dupfa buri munsi. Itorero rirakonje. Biragaragara ko nta bubyutse bwarangiye none tubona ubukonje. Biradusaba guca bugufi.

Basabaga umujenerali, babonye umwana w'intama. Kuki ? Imana yari izi ibyo bakeneye. Kandi ni byo bari bakeneye. Bari bakeneye Umukiza. Batekerezaga ko bakijijwe, ariko Imana yarizi ko batarakizwa.

Ni byo isi ikeneye uno munsi, ikeneye kandi Umukiza, Umukiza wabakura muri iyi mibereho, ikintu gishobora kubeshaho ibyo. Bitari imikorere y'inyigisho, bitari imikorere y'ibyangombwa, cyangwa uburyo bwo kurera. Ibyo dukeneye, nuko imbaraga z'Umwami Yesu Kristo n'ubuntu bw'agakiza bigaruka mu itorero. Hanyuma, abagabo, abagore, abasore, inkumi bashobora gukizwa.

Twaba twarategereje cyane ? Haba hari benshi hariya hanze batarinjira ? izina rya nyuma ryarakijijwe ? Ese ni cyo kibazo uno munsi ? Birashoboka, murabizi. Birashobora kuba ari byo, ariko kandi tutarogoye Ibyanditswe, nta na gato. Bishobora kuba ari byo. Bityo rero, ntabwo tubizi ; twitonde.

45 Ariko bo bari bazi ko bakijijwe, ariko Imana yari ibizi kubarusha. Niko bimeze uno munsi.

Bafashe Ijambo Imana yabahaye muri icyo gihe, ryari kubereka umunsi Azagaruka, none babigize umuhango. Yesu yaravuze ati, « Mwafashe Ijambo ry'Imana murisimbuza imihango.

Ni byo byabaye uno munsi mu mikorere y'isi yacu y'iyobokamana. Imikorere y'isi yafashe Ijambo ry'Imana barigira imihango. Niyo mpamvu ritagira imbaraga hariya. Ntakizavamo kuko ni imvange.

Ntushobora gutera ikigori cy'umwimerere ahandi hatari mu butaka, nticyamera. Ushobora kucyanika ku zuba ugakomeza kugishyushya, ushobora gukora icyo ushaka cyose, ariko bisaba ubwoko runaka bw'ubutaka. Kigomba kuba aho. Kigomba guterwa. Hagomba kubaho ikirere cyiza kugira ngo kibyare.

46 Ni cyo kimwe n'Ijambo ry'Imana ! Ntushobora gufata itorero ngo uribesheho n'imigenzo. Mushobora kuzana miliyoni z'abantu, ariko ntimushobora kumanura imbaraga z'Imana, keretse mwongeye mukagaruka ku Ijambo ry'umwimerere, kugaruka ku Ijambo ry'ibanze, kugaruka ku maraso, kugaruka kuri Yesu Kristo, kugaruka ku mu materaniro y'amasengesho mu buryo bwa kera, no kugarukira Imana ! Yenda twagiye kure uno munsi ku buryo isaha yahise cyera. Ariko uko byagenda kose, ivanjili igomba kubwirizwa. Ntabwo aritwe twaca urubanza.

mana yarizi ibyo bakeneye, bityo Yabahaye ibyo bakeneye. Niko bikiri, tubona ibyo bari bafite, kandi nibyo twakoze.

47 Uburusiya n'abandi bose bashaka iyabo kandi abantu batandukanye bo mubushakashatsi bashaka kugira izina rikomeye. Buri ishyanga rishaka kugira umuhanga wabo. Dushaka kugira uwacu. Dushaka kugiramo imikorere y'uburere. Dushaka kugira imikorere y'amadini. Kandi nibyo dufite neza neza. Nibyo mwakoze. Nibyo mushaka kugira, nibyo Imana yabahaye. Muzabikoresha iki, nyuma yo kubigira ?

Tuvuge ku Burusiya akanya gato. Abarusiya bashaka umuntu wakwigarurira ikirere. Abashakashatsi babo barimo kumutegura byihutirwa. Kandi babonye umwe, byagenda bite baramutse babonye mesiya wabo, twabigira dute ? Imana itubabarire baramutse bamubonye. Mwibuke Ubudage, bagize mesiya nk'uwo, ntagihe gishize, hashize igihe bagize Hitler, kandi tuzi icyo ibyo byabakoreye.

48 Bimeze bite ku itorero ? Ni mesiya bwoko ki itorero ritegereje uno munsi ? Mwebwe, torero mwavugije induru nyinshi. None, ni iki dusaba tuvuza induru nyinshi ku bijyanye na mesiya, turasaba iki ? « Ububyutse mu gihe cyacu ! Tugire ibi n'ibi na biriya. » Bategereje iki, kugira ngo babikore ? Niki kandi mukeneye ? Ni iki itorero rikeneye nyuma ya byose ?

Twamaze kubibona. Ni isezerano ry'iki gihe. Tureba muri Bibiliya, tubibona hose muri Bibiliya. Abasigwa baraje maze bongera kubeshaho iri Jambo, igihe kigeze, muri kiriya gihe. Twagize Mesiya. Nguyu. Ni Ijambo ! « Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo Yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. » Kandi Ijambo rihora ari Imana, Abaheburayo 13 : 8, « Uko yari ari ejo niko Ari none kandi niko Azahora. » Tuzi ibigomba kuba muri ino minsi. Dukeneye Mesiya. Kandi Imana yaduhaye Mesiya, Ijambo Eyw muri ino minsi. Ritegereje gusa umuntu ufite ukwizera kugira ngo yongere aribesheho. Yego, yego. Ni Mesiya nyawe, ni Ijambo ry'Imana. Miby'ukuri, Yesu yaravuze ati, « Ijuru n'isi bizavaho, ariko Ijambo ryanjye ntirizavaho. »

49 Ariko, muby'umwuka, itorero ryarapfuye, byarayirangiranye, igihe cyarayirangiranye. Bararembye, ntibazi icyo bakora : umwe yiruka muri iki cyerekezo, undi mu kindi cyerekezo. Kandi hano, buri sezerano Imana yakoze muri Bibiliya, buri rimwe ryose, rirahari kandi rifite agaciro bidasubirwaho. Ni igihe ! Ni iki gituma itorero rimera rityo ? Turi mu gisekuru cya Lawodikiya, aho bigomba kumera bityo. Ni igihe cyabyo.

50 Ariko murebe, abakobwa b'isugi bagiye kugura amavuta, umukwe aba araje. Ubu tubona, abepisikopaliyani, abaperesibitariyani, n'andi madini atandukanye, batashoboraga, mu myaka ishize, kwegera abapantekoti, niyo wari kubaha umushara, ariko uno munsi baraza. Ntimuzi ibyo Yesu yavuze ? Baje kugura amavuta, kandi baravuze bati, « Nimuduhe ku mavuta yanyu. » Abari bafite amavuta barasubiza bati, «Oya, siko bimeze. Mujye kuyagura kubayagurisha. » Mu gihe barimo gushaka aho bayagura, mu gihe bashakaga kuyagura… Muzi isaha turimo bapantekotiste mwe ? Ubwo bagarukaga, yenda barajijwe, yenda bakoze ibi na biriya, n'ibindi ; ariko, Ibyanditswe bivuga ko batayabonye. Mu gihe barimo bashaka kuyabona, bashobora kuba baragize amarangamutima, n'ibindi, ariko satani ishobora kubyigana. Mu gihe bashakaga aho bayagura, Umukwe araza ; abari bafite amavuta barinjira.

51 Ngiyo isaha turimo. Ntitwigeze tubigira mbere yaho. Yesu yavuze ko bizamera bityo ; niko bimeze rero ! Ni iki tubona ? Tubona Ijambo, kandi Imana yavuze ko ariko bizagenda muri ino minsi, bizagenda bityo mu maso yacu. « Yoo ! Mubyuke mwebwe abera b'Umwami ; kuki musinzira kandi imperuka iri hafi », kuko tutazi ngo bizaba ryari ? Yego.

Imikorere y'isi yacu, imikorere y'itoreoro ryacu, imikorere y'idini ryacu, imikorere yacu yose yaranduye kandi yamunzwe na ruswa. Ibyo tubuze uno munsi, nibyo bari bafite ejo hashize. Nibyo. Wagira ngo amatorero arimo kuma ; ntibyoroshye kubona itorero rifite Ubuzima bw'Ijambo hamwe n'Umwuka w'Imana kandi aho ibintu bikomeye nkuko byari bimeze hashize igihe.

52 Tubona ko Imana yari izi ibyo bakeneye, bityo, iteka isohoza isezerano. Ni rya Jambo ry'icyubahiro tubona, isezerano ; bakagombye kumenya neza ko ari byo Imana yari yarasezeranije, ko bizasohora muri kiriya gihe. Mwavuga muti, « Yoo ! Bagombaga gukora iki ?

Yesaya 9 : 6, umuhanuzi avuga ati, « Umwana yatuvukiye, duhawe umwana w'umuhunu. Azitwa, Umujyanama, Umwami w'amahoro, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, kandi ubutegetsi Bwe buzaba buri ku bitugu Bye, kandi Ubwami Bwe ntibuzagira iherezo. »

53 Tuzi ko Umwana yagombaga kuvuka muri icyo gihe ; kubwacu, umukobwa w'isugi yagombaga gusama akabyara. Kandi ntibyari byarigeze kubaho mu mikorere yabo ; ariyo mpamvu batashakaga kugira icyo

bahuriraho nabyo. Barabyanze. Ariko Ijambo risizwe, Imana igizwe umubiri hagati yabo (Emmanuel), Yahagaze hariya, Iravuga iti, « Ni nde muri mwe wanshinja icyaha, kutizera ? Musuzuma Ibyanditswe, kuko mutekereza ko harimo Ubugingo Buhoraho : ni Byo bimpamiriza. » Yari Azwi nka Mesiya, Mesiya wagombaga kuza icyo gihe. Kandi imikorere yari yarajijishije abantu, n'amategeko menshi y'imikorere n'ibindi, kugeza aho bahinduye Ijambo ry'Imana ubusa. Ntibashoboraga kubona ko Ari Mesiya.

54 Kandi ibyabaye muri kiriya gihe, birimo kuba ubungubu. Ni byo. Imikorere y'isi, ibikoresho, mu bikoresho byabo byinshi, bafite ikintu kimwe mu mwanya w'ikindi. Ni gute ibyo bishobora gukora ? Ntibishoboka. Ntabwo aruko byakozwe.

Itorero ntirishobora gukora ridafite imbaraga z'Imana, kubw'Ijambo. Kandi Umwuka Wera uzahamiriza Ijambo gusa, kuko ni byo agomba gukora. Gusigwa, ni uguhamiriza Ijambo.

Yesu yari Umusigwa, Ijambo rigizwe umuntu. Niyo mpamvu yinjiye mu mazi, yari Ijambo ryasanze umuhanuzi. Umuhanuzi yarahagurutse aravuga ati, « Ngomba guca bugufi, We agashyirwa hejuru. » Tuzi ko ariko Imana ikora.

Ariko se, barabibonye ? Bagombye kubimenya. Bagombye kwitondera ibikorwa by'Imana. Babonye Ijambo risohora. Bari bazi ko ari byo Ibyanditswe bivuga, ariko ntibizeye ko ariko bizagenda. Ibyo byagombaga gusohora mu Abafarisayo, cyangwa mu Abasadusayo. Iyo biza kubera mu Abafarizayo, Abasadukayo ntibari kubyakira. Kandi iyo biza mu Abasadukayo, Abafarisayo ntibari kubyakira, kuko barikuvuga bati, ni ibya Asadukayo. Abasadukayo nabo bakavuga bati, ni ibya Abafilisitiyo.

55 Kandi ni cyo kimwe uno munsi, neza cyane. Imikorere yacu, byose yari yaraboze kandi yaranduye. Yoo ! Mbega ! igihe turimo ubu, isi yarahumye, tugenda mu mwijima, turi mu mikorere y'iy'isi, nk'intama zidafite umushumba. Mugihe bari barabonye Ijambo ry'Imana Nzima rihamirijwe mu maso yabo, ariko bagenda buhumyi, bararireka, nigute mwagira ikindi kintu mutegereza ? Amen. Nuko bimeze.

Muby'ukuri, isi irimo gusenyuka. Kuki ? Ijambo ryakayibeshejeho, ryaranzwe. Ibyo tubibona muba Abaheburayo 11.

56 Eistein yarabivuze ati, Nakurikiye inama ye, i New York City, muri uriya mugoroba, yari yakoresheje inama imwe mu manama ye yanyuma. Yavugaga ku agatsiko k'inyenyeri, isi nto, muri ako gatsiko k'inyenyeri. Yaravuze ati, « Umuntu aramutse agiye mu kirere ku muvuduko w'urumuri… » Uwo muvuduko ungana n'ibilometero 299.340 ku isegonda. Byamufata igihe kingana n'imyaka miliyoni ijana na mirongo itanu (150 000 000) kugira ngo agereyo. » Yavumbuye iteka. Hanyuma aravuga ati, « Kugira ngo agaruke, byamufata nanone imyaka miliyoni ijana na mirongo itanu (150 000 000), kugenda no kugaruka, bingana n'imyaka miliyoni magana atatu (300 000 000). Uwo muntu yaba yarabuze ku isi imyaka 50 gusa. Murabona, mwinjiye mu iteka ! Yoo ! Mbega ! Ubugari bw'Imana, igihe yaremaga imiterere y'izuba !

57 Kandi undi munsi, uriya muntu wagendeye mu cyogajuru, ageze hejuru y'Uburusiya yavuze ko nta Mana yabonye, kandi ko nta nabamalayika yabonye. Mbega ukuntu bashobora kuba injiji.

Imana ! Imiterere y'izuba yose yamuvuye mu biganze ihushyeho gusa, rero, We Ari hejuru y'aho, mu mamiliyoni y'imyaka y'urumuri. Kandi byose bifashwe n'imbaraga Ze n'Ijambo Rye. Alleluia ! Buri nyenyeri igomba kuba mu mwanya wayo. Yego, yego ! icishije bugufi aramanuka aba umwe muri twe ; nta rwitwazo dufite. Inyenyeri imwe ivuye mu cyerekezo cyayo, ikicaro cyayo, aho iri, ihavuye, ibyo byahungabanya imikorere yose. Imikorere igomba gukora neza kimwe, kuko ibeshejweho n'indi.

58 Imikorere y'Imana, iyo iri mu bwumvikane bwuzuye n'Imana, ibintu byose bigenda neza. Nibyo ; muby'ukuri, bigomba kuba bityo.

Ariko itorero, ntiryigeze ryemera imikorere y'Imana, ryikoye imikorere yaryo. Niyo mpamvu tutumvikana twese. Niyo mpamvu itorero riri mu rujijo. Niyo mpamvu isi irimo gusenyuka uno munsi, kuko twahisemo gukoresha imikorere yacu. Niyo mpamvu isi y'abapolitisiye irimo gusenyuka. Niyo mpamvu isi y'iyobokamana irimo gusenyuka, nuko twahisemo gukoresha imikorere yacu aho kwemera gahunda ihoraho y'Imana mu bisekuru. Amina ! Icyo ni cyo kibazo cy'isi. Ni cyo kitagenda, nuko bahisemo gukoresha ikindi kintu. Bigatuma abantu bavuga bati, « Jyewe, ndi umuperesibiteriyane, jyewe ndi umumetodiste, jyewe ndi umu Jesus Seul. Jyewe ndi Trinitaire, jyewe ndi… » Yoo ! Tubabarire ! Ntibitangaje kuba tutaguma hamwe, nta kintu gihari kiduhuza.

59 Bwana Nixon yavuze ikintu kimwe kidasanzwe ntigeze numvana umuperezida cyangwa umwungirije muri iyi myaka ishize, ubwo yavugaga, « Ikibazo cy'abanyamerika, nuko bataye urukundo no kubahana. » Nk'abaturage b'Amerika, turarasana mu mihanda, bishoboka bite ? Yoo ! Mbega !

Niba udashobora kumvikana n'umuntu kandi ngo ukomeze kumukunda, rero, ceceka. Niba udashobora kumuvugisha, nk'umupapa ukosora umwana we, ushobora kumushyira ukuboko ku bitugu, kandi ukamuhobera nyuma y'ibyo, byaba byiza ushyize ibyo byose ku ruhande. Ntabwo wageze kure ubwawe kugira ngo umenye ibyo uvuga. Ni byo. Nshobora kutumvikana n'umuntu, azaguma ari mwenedata,

nzamufata mu kiganza. Nsinshobora kumureka ngo agende atyo ; niba mbikoze, niba ntabimubwiye nyawe, ntabwo naba ndi mwenedata kuri we. Ni byo. Ariko nshobora kubimubwira, nkamubwira ko mukunda, nkabimugaragariza, ndamukunda.

60 Ntukeneye kumurasira mu muhanda. Ntabwo nemera politike ya bwana Kennedy, idini rye n'ibindi, ariko ntiyarakwiye ruriya rupfu. Oya, oya. Nta nagato. Nta muntu numwe ukwiye gupfa kuriya.

Tubona ko isi yose yamunzwe na ruswa. Igihugu cyacu, politike yacu, imikorere y'iyobokamana, n'ibindi, byose byarononekaye.

Ibyo birategereje gusa. Ijambo ry'Imana, ryahanuwe muri iki gihe, ritegereje ko haza umuntu ngo arihamirize. Nibaza niba yaramaze kubikora. None, turi he niba yaramaze kubikora ? Niba yaramaze kubikora, turi he ? Abanyamibabaro !

61 Kenshi nagiye mvuga ibintu bimwe ku mugore wa Kennedy, kubera iriya modeli y'isi yatangije, iriya misokorize igira umutwe munini, n'ukuntu bashikibacu, niyo misokoreze, imyambarire y'umugore wa Kennedy, navuze ko ari kimwe na Yezabele wa kera. Ni byo. Niko nizera. Mbabajwe muby'ukuri, n'uwo mubyeyi, hamwe n'abana be, ni byo.

Ariko, munyemerere mbabaze ikintu kimwe. Iyo Jacqueline Kennedy aza kumenya Ubutumwa nka bamwe muri mwe, abapantekoti mwamenye, kubijyanye no kogosha imisatsi n'ibindi, ashobora kuba ataca imisatsi ye. Byitwa ko muri abapantekoti, ariko muranga mukayica. Ahaa ! Ashobora kuba atayica, iyo aza kugirirwa ubuntu bwo kumva Ubutumwa, murabona, mwebwe, mwarumvise. Murahari. Tumerewe nabi, nshuti zanjye. Ni byo rwose. Yego ! Ntagushidikanya. Yoo ! Mana, nigute imico, ikintu…

62 Ubushobozi bwo kubyara, ni kimwe mu bintu bibeshejeho iki gihugu. Ni uruti rw'umugongo. Ubushobozi bwo kubyara, iyo mpano nzinza Imana yahaye umugore kugira ngo ashobore kuba umubyeyi, none, ntibikiri byo. Ni ukuva kera, abagore bo muri iyi si, imbaraga zabo zunamiye umudayimoni w'amamodeli yo muri Hollywood, bafata urugero rw'imyenda, imyitwarire, bamwe mu byamamare byo muri Hollywood. Kandi kenshi, n'imyenda y'abatubaha Imana, y'ubusambanyi yabaye umudeli mu matorero. Kandi abapasitori kugicaniro, ntibatinyuka, nta mbaraga z'Umwuka Wera, nka Loti wari wicaye hariya, umutima ubababajwe, yitaye ku nyungu aho kubwira abantu ko ibyo atari byo. Yego.

63 Icyo dukeneye uno munsi, ni ukurandura. Mushobora kurandura mucyererewe. Yenda isaha yararenze. Ntabundi bubyutse tuzongera kugira. Nzi ko mubutegereje, ariko ntabwo mbona mu Byanditswe.

Ntegereje Izamurwa, ni iry'abantu bakeya. Ni byo, neza neza, abantu bake. Ntabwo bazamenya ko bagiye, mu isi yose. Igihe bazagenda, ntanubwo bazamenya ko byabaye. Nibyo. Bizakorwa nk'igisambo mu ijoro.

64 Niba batumva umurimo kubera intore ! Hariho intore z'Ubugingo Buhoraho, turabizi ; barabizi bose, abafite Ubugingo Buhoraho. Niba batumvise ibi ku bwabo, nta muntu numwe uzakizwa. Isi igeze ku iherezo, buri imyaka 2 000. Tuzi ko imikorere y'isi yasenyutse. Yasenyutse mu gihe cya Nowa. Yasenyutse mu gihe cya Kristo. Noneho, muri 1964, birabaye ; hasigaye igihe kingana ki ? Imyaka 36 kugira ngo tugire imyaka 2 000 ; ikinyejana cya 21 kiraje. Habaye iki ? Umurimo ugomba kugirwa mugufi. Yesu yaravuze kononekara ko muri iki gihe : « Intore zazashukwa ntizizarokoke, iyaba byashoboka. » Niko biri. Indangabihe irabitwereka, nkuko abashakashatsi babivuga, ko dusigaranye hafi imyaka 15. Twarakererewe urebye iyi ndagabihe y'Abaromani ; indangabihe y'Abayuda, hasigaye imyaka 15 cyangwa 20 kugira ngo twuzuze ibyo.

Tugeze he ? Turabona amahanga asenyuka kandi Israel irakangutse, ibimenyetso byavuzwe n'iyi Bibiliya kubw'iki gihe. Tubona ibiba, ibikoresho. Noneho, Umwuka, imbaraga z'iri Jambo ryasezeranijwe, kugira ngo winjire mu Itorero Rye ngo usunikire abantu i Kaluvari no mu Izamurwa ! NIko bimeze.

65 Ntibitangaje ko dusenyuka, nta gihari… Ikintu cyaremye isi cyashyizwe hano, kugira ngo isi ikizenguruke, Ikintu, imikorere y'isi n'ibindi byose, bigomba kuzenguruka, iri Jambo, ryaremye isi, kubw'Imana. Einstein yarabivuze, yaravuze ati, « Hariho igisobanuro kimwe, ni Ibyanditswe… Hariho igisobanuro kimwe ku bijyanye nuko isi yabayeho, ni mu Abaheburayo 11, 'Ni kubwo kwizera twumva ko Ijambo… ko isi yaremwe n'Ijambo ry'Imana.' » Ni ibyo. Nta muntu washobora gusobanura ukuntu izuba riri hariya mu kirere, ukuntu rizenguruka rikurikira umurongo ugabanya isi mo kabiri (equateur), mu gihe cy'amasaha 24, n'ibindi byose, rikaza kugera aho ryatangiriye, nta segonda n'imwe ritaye. Kandi inyenyeri zose, mu rugendo rwazo, zirafashanya.

66 Nigute ukwezi kugenzura inyanja ! Ukwezi kuramutse kuvuye mu mwanya wako, twagira umwuzure wa metero 30 (30m), mu isegonda cyangwa mu masengonda abiri. Kuriya kwezi ! Ushobora gucukura umwobo hano, mwebwe mucukura imyobo ya peteroli, mucukure hano. Murabona umwanya ubatandukanya n'inkombe z'inyanja ? Cukura umwobo hano mu butaka, maze urebe inyanja ngo irazamuka ni mugoroba, ibyo bizamura amazi mu matuwiyo, amazi arimo umunyu, byanze bikunze. Ni iki ?

Ni kuriya ukwezi kubigenzura.

Ni imikorere y'Imana. Ni gahunda y'Imana. Ni itegeko ry'Imana. Ariko dukora itegeko ryacu, ntidushaka kwemera Irye. Twihute kugira ngo turangize. Ibyabaye kera, biba kuri Noheli, tubona isi yacu isenyuka. Yoo !

67 Imana yasize, Yasezeranije Ijambo Rye. Yadusize kuva kera, kandi Yaratubwiye, Yarababwiye, ubwo Yasigaga Yesu Kristo… Petero yaravuze, umunsi wa Pantekoti yaravuze ati, « Yesu Kristo, uwo Imana yahamirishije imirimo ikomeye n'ibitangaza n'ibimenyetso, ibyo yamukoresheje hagati yanyu, nk'uko mubizi namwe ubwanyu. » Bari abahamya bibyo. Kandi Yaravuze ati, « Nyuma yizuka n'ibindi, Yakoze iki ! Mwafashe Umwami w'Ubugingo, mwamubambishije amaboko y'abagome, muramwica. Imana yaramuzuye ; kandi turi abagabo bo kubihamya. » Ni gute Nikodemu yaje akavuga ati, « Mwigisha, tuzi ko ; twebwe abafarisayo, urubuga rw'abanyamategeko, tuzi ko uri Umudogiteri woherejwe n'Imana. Nta muntu wakora ibyo ukora atari uko aturutse ku Mana. » Bari bazi ko isezerano ryari iry'icyo gihe, bari bazi ko ari ibyo, ariko imikorere yabo yari yarababoshye kub'uburyo ntacyo bari gukora kuri icyo kintu.

68 Ni cyo kimwe uno munsi, neza neza, ni cyo kimwe. Ntushobora gukora utyo, ubikoze wahita usubiza ikarita yawe y'umunyamuryango. Ubahiriza Ijambo ry'Imana maze urebe ikiba ; bizaba bikurangiranye. Ntuzongera kwamamara. Bazakwirukana hagati yabo n'ahandi.

Yoo ! Niba ufite umurimo runaka, bazakugumana kubera amafaranga bungukira mu bantu umurimo wawe ukurura, kubera amafaranga, nta kindi. Ariko murebe iyo hageze ku Ijambo, murebe ukuntu bisubiraho. Mutekereza ko umukozi w'Imana atabyumva ? Muby'ukuri, Yesu yari azi ko Yuda yari amuri iruhande. Kuki, Yesu ntacyo yabwiye Yuda ? Niyo mpamvu uno munsi, mugomba gutegereza isaha yo gushukwa. Ni byo. Bamenye ibyo. Bazabimenya.

69 Mwitegereze, ntabwo bazigera bemera uburyo yajemo, nicyo kimwe uno munsi. Amatorero ya kera yashakaga ko imikorere yabo isigwa. Abafarisayo bashakaga ko imikorere yabo isigwa, abasadukayo bashakaga ko yaba imikorere y'abasadukayo, abaherodiya gutyo, n'abandi. Niko bimeze none. Niba Imana yohereje gusigwa maze igasiga aba Unitaires, ntizabibwira aba Binitaires cyangwa aba Trinitaires, cyangwa abandi ntazi ? Aba Assemblees bazabibwira aba Unitaires, si ko biri ? « Nababwiye ko dufite ukuri ! » Abametodiste bazabwira Ababatista bati, « Muzehe, reba nitwe dufite ukuri ! » Murashaka ko imikorere yanyu isigwa.

Ariko, Imana yasezeranije gusiga Ijambo Ryayo. Amina ! Nzi ko bibabaza, ariko ni Ukuri. Imana ntijya ihinduka. Isiga Ijambo Ryayo. Yego, yego. Ijambo risizwe, risezeranijwe muri icyo gisekuru, ni ryo Imana isiga. Ijambo risezeranijwe mu gisekuru runaka !

70 Uno munsi, bashaka imikorere y'imyigishirize y'imikorere. Kuki ? Nugushaka gukora icyo bashaka kandi bagakomeza kwiyita abakristo. Yoo ! Niba bafite ikintu kinini, aho bashobora kwinjira, mukamanuka mu birongozi n'ahandi, murimo muhekenya shikle, mukubitana agashyi mu mugongo, hanyuma mukajya mu karuhuko mu byumba n'ahandi, aho mukinira umupira w'amaboko, uw'amaguru, n'ibindi ntazi… Niba aribyo mana yanyu, ni icyuka. Ariko mureke mbabwire icyo dukeneye uno munsi, ni Ijambo ry'Imana risizwe ryo muri iki gihe, rizongera kugarura imbaraga z'Umwuka Wera. Yego, ni ibyo, ariko ibyo nta mwanya bifite mu itorero. Nta nagato. Bagomba kubaka ikintu nk'icyo, kugira ngo itorero ribeho, byaba byiza mubitwitse cyangwa mubitaye hanze, cyangwa kwinjiza ikintu cyagarura Ijambo ry'Imana. Kandi ni ibintu by'isi bavanga n'Ijambo ry'Imana ; ntimukwiye gukora ibyo. Nta nagato.

71 Yego, yego ; uno munsi bakeneye imikorere runaka. Isi ishaka kwemeza imikorere runaka. Muby'ukuri, buri imikorere mito ubwayo, buri wese aravuga ati, « Ndashaka ko ibyo bituruka iwacu. » Yoo ! Bagashaka ibimashini binini, bakigisha abavugabutumwa n'ibindi nk'ibyo, kandi bakabikora, bakabibikira, muzee wanjye, bifashishije amashuri, ku buryo, niba umuntu adashoboye kuvuga neza amagambo n'ikibonezamvugo biboneye, ntazongera kujya ku gicaniro nyuma yaho. Ariko icyo dukeneye uno munsi, ntabwo ari imikorere y'imyigishirize y'uburere, ntabwo ari abahanga bo kuvuga muruhame.

Icyo dukeneye uno munsi, ni Ubutumwa Bwiza bukoreshejwe n'Imbara z'Imana, kubwo guhamiriza Ijambo ry'iki gihe, ku buryo umuntu azahaguruka maze akavuga Ukuri, ibyo byabakomeretsa cyanga byabashyira hanze, cyangwa uko byamera kose. Ni byo bikenewe kuri iyi saha, uno munsi.

72 Ariko abantu bashaka ikindi kintu. Abantu b'iki gihe, abagore bashaka iki ? Barashaka umugabo, umupasitori uzahaguruka akavuga, « Ibintu biri mu buryo. Mushobora gukora ibi na biriya. Cyangwa, ni byiza, nta kibazo mukundwa wanjye. » Uwo muvugabutumwa akeneye umunyafu w'ivanjili, uwemera ko bogosha imisatsi bakanashyiraho makiyaje. Oya. Mwavuga muti, « Ibyo bihuriyehe n'ibyo ? »

Ntimuzi ko uko mumeze hanze, bigaragaza uko mumeze imbere muri mwe ? Bibiliya ntivuga ko mudakwiye gukora ibyo ? « Ntabwo ukwiye gusenga umeze utyo ? »

73 Namwe bagabo, murashaka ikintu nk'icyo ? Bavugabutumwa, ntimushobora kubivuga, kuko mwatakaza ikarita yanyu y'umunyamuryango, inama nkuri yabirukana mugize icyo muvuga kuri ibyo.

Imana ibabarire umuntu ubabazwa n'ikarita y'inama cyangwa ikarita y'umunyamuryango, kuruta Umubatizo w'Umwuka Wera, hamwe n'Ijambo ! Ni gute Umwuka Wera wanditse Bibiliya, ashobora guhakana icyo Wanditse ?

Muby'ukuri, ibitangaza, ntabyo dukeneye uno munsi ! Gukira kwa kimana, ibyo bintu byose, ibyo, ntibibaho. Ni umugani. Yoo ! Nugusoma mu bitekerezo. » Mwebwe, mwagwingiye, ni iki ? Mukeneye ivanjili, niba Umwuka Wera ari muri mwe !

74 Mbabwiye ko ubugingo bwa Beethoven buri muri njye, nahimba indirimbo. Beethoven ari muri njye, nabaho nka Beethoven. Shakespeare ari muri njye, nakwandika ibisigo. Nashobora kwandika ibinamico. Nashobora kwandika ibinamico, niba Shakespeare atuye muri njye.

Yesu Kristo aba muri mwe, n'Ijambo Rye, kandi We ni Ijambo, ibikorwa yakoze, bizihamiriza muri ino minsi, kubw'isezerano yatanze We ubwe. Amina ! Nicyo Imana itegereje. Ni cyo kibeshejeho isi ; kibeshejeho isi y'iyobokamana, ni Ijambo Ryayo, mugumane Ijambo ryose hamwe. Yego.

75 Abantu bakunda rwose iyo mikorere. Kandi bazayibona. Bamaze kuyigeramo, ubungubu. Inama y'impuzamadini izabaha ibyo bashaka, bose hamwe. Ni gute bariya bapantekoti bashobora guterana nabo muri ziriya nama, kwinjira mu mujyi wa Vatikani no kwandika ibaruwa ivuga ngo, « Ni ikintu cy'umwuka ntigeze mvuga, ubwo nari nicaranye na nyirubutungane papa runaka », kandi kuba uri umupantekoti no kumenya ukuntu… Ni igikundi cy'abapantekoti cyapfuye. Byose byarapfuye. Byaranduye. Byararangiye. Byahindutse ishyirahamwe ry'amatorero, mu mwanya wayo. Ni byo rwose.

76 Ariko itorero ry'Imana Nzima, uriya Mugeni, ajya mbere uko biri kose. Azajya mu izamurwa, kubw'Ijambo, ni byo, Ijambo n'Ijambo biziyunga. Niba turi urugingo rwa Kristo, urugingo rw'ibyo, tugomba kuba Ijambo Rye, kuko Ari Ijambo. Ni byo. Yego, yego.

77 Bari baranze Ijambo ry'isezerano risizwe ry'iki gisekuru, kandi Ahora Ari Ijambo. Niba Imana yaratwoherereje Ijambo ry'isezerano risizwe, indi nshuro, kuri iki gisekuru, muri 1946, Yaba ari wawundi Yari ubwo yazaga mu itangiriro, Ijambo risizwe ry'Igisekuru. Abaheburayo 13 : 8, barabitubwira neza, « Uko Yari Ari ejo, niko Ari kandi niko Azahora. » Ni byo rwose. Kandi Azahora akiranutse ku Ijambo ry'isezerano rya Data ry'iki gisekuru. Niba Yesu aje, Yaba neza nk'uko Ijambo rivuga ko Azaba muri iki gisekuru.

78 Niko Eliya yarameze mu gisekuru cye. Niko Mose yari ari mu gisekuru cye. Niko Nowa yarameze mu gisekuru cye. Niko buri muhanuzi wese waje yari ameze. N'Ijambo, ubwo ryazaga mu mwuzuro wose, Ijambo ryose ryagizwe umuntu hagati muri twe, Ryasohoje neza ibyo Ryari ryaravuze ko Rizakora, muri kiriya gisekuru.

Niba Aje uno munsi, Azaba ari Yesu Kristo usohoza isezerano Rye, ibyo Yari Yarasezeranije ko Azakora, neza neza Ijambo.

Yari Ijambo. Yesaya 9 : 6, ni Yesu Kristo. Kandi ubwo yagirwaga umuntu, kandi Agatura hagati yacu, Yabayeho neza neza nk'uko Ryari ryarabivuze. Mose yavuze mu Gitabo cyo Gutegeka Kwa Kabiri, « Uwiteka Imana Yawe, Azaguhagurukiriza umuhanuzi nkanjye, umuntu utazamwumvira azakurwa mu bwoko. » Kandi ubwo yazaga, Yakoze neza ibyo Ijambo ryari ryaravuze ko Azabikora. Kandi basanze muri We amakosa, kuko imikorere yabo yari yarakuyemo ibyo maze bituma Ijambo ry'Imana ritagira imbaraga kuri bo. Murabona ? Ntibashoboraga kwizera ikintu nk'icyo. Ntibashoboraga kwizera ikintu nk'icyo, kuko batekerezaga ko byari byarahise. Yoo !

79 Muby'ukuri, Yari yerekanye ko Ijambo Rye ridahinduka. Yahamiriza Ijambo uno munsi, Yari yararihamirije kiriya gihe. Yagaciriye urubanza n'imbaraga nyinshi buri mikorere y'idini y'isi, aramutse Aje ku isi uno munsi. Nibyo Yari Yarakoze, mugutangira. Ni ibyo azatunga agatoki. Ni ibyo Yari yararwanije mu kuza Kwe kwa Mbere. Ibyo Yari yarakoze kera, n'ubu Azabikora. Kandi niko Yari yarakoze kera, kuko Atajya ahindura Ijambo Rye. Ntashobora guhindura imikorere Ye. Niko ahora, buri gihe ni Ijambo risizwe rya buri gisekuru. Niko biri.

Kandi, uko tubona ibintu uno munsi, aramutse Aje, gahunda Ze zo kubeshaho isi, bazanga nka kera.

80 Ariko, mwumve, mukurangiza, ndashaka kuvuga ibi. Ntabwo twemerewe imikorere runaka, ntabwo twemerewe gukora idini, idini rikomeye, gahunda ikomeye yo mu bwoko runaka. Ariko twemerewe Ubwami, Ubwami buhoraho. Amina ! Ni cyo kidusezeranijwe, kugira Ubugingo buhoraho muri ubwo Bwami buhoraho. Kandi ubutware n'ubw'Umwami uhoraho, Ijambo Rye rihoraho ryigishijwe ubwoko Bwe bufite Ubugingo Buhoraho. Kandi abantu bafite Ubugingo Buhoraho barya ibyansitswe, « Umuntu azatungwa n'Ijambo ryose risohoka mu kanwa k'Imana. » Twakira ubwo Bwami, kandi tubona isi n'ijuru bizavaho, ariko ko Ijambo ritazavaho. » Kandi iri Jambo, ni Ubwami. Iri ni Umwami n'Ubwami, imikorere, Ubugingo, byose ni byo hano.

81 Niba Imana icira urubanza isi yifashishije itorero, ni irihe azifashisha ? Hariho zingahe ? Amajana

n'amajana, n'amajana y'amadini atandukanye. Niba ari abagatorika bari mukuri, ni abahe bagatorika ? Niba ari abagatorika bab'Abagereki bari mu kuri, ubwo rero abagatorika bab'Abaromani bari mu buyobe. Niba abagatorika bab'Abaromani bari mu kuri, abagatorika b'abagereki baba bari mu buyobe. Murabona ? Niba ari abametodiste bari mu kuri, ababatiste bari mu buyobe. Niba ari ababatiste bari mu kuri, abapantekote bari mu buyobe. Niba ari abapantekote bari mu kuri, abaperesibiteri bari mu buyobe. Murabona ? Mwese mwaba muri mu ruyobe rukomeye.

82 Ariko Imana ntabwo yadusize nta muhamya, cyangwa nta rufatiro tugomba kwipimiraho. Ni iri Jambo ! Yaravuze, ati, « ijambo ryose ry'umuntu ribe ikinyoma, ariko Iryanjye rimenyekane nk'Ukuri. » Ni byo.

Kuko ijuru n'isi bizashira. Batubwiye hano ko tuzahabwa Ubwami butanyeganyega. Yego, yego. Mugihe ubwami bw'isi busenyuka, kandi isi yose isenyuka, nyamara twebwe, twabatijwe kubwo tube Ubwami butanyeganyega. Amen ! Duhabwa Ubwami. Bityo, mugihe isi isenyuka, twebwe twinjira muri ubwo Bwami budashobora kujegajega kubw'umubatizo. Amen ! Ni Ijambo rihoraho ry'Imana, kandi turihagazeho. Kandi ryo, ntirishobora kunyeganuega.

83 Twumva bavuga cyane ko hari imikorere mishya bagiye gushyiraho, imikorere y'iyobokamana, ngo izazana amahoro ku isi, ubwo abagatorika n'abaporo bazishyira hamwe. Bamwe muri bo bizera gukira kwa kimana, abandi ntibabyizera ; bamwe bemera ikintu runaka, abandi bakemera ikindi ; bamwe bemera ikintu runaka, abandi ntibacyemere. Birabasaba kuva mu kutumvikana kwanyu gukomeye, mwabayemo igihe cyose, imyizerere yanyu y'invanjili, kugira ngo mwinjire mu Nama y'isi. Kandi buri dini ryose rigomba kwinjiramo. Bityo, niba idini ryaravumwe, bizamara iki kuba umunyamuryango ? Ibyo bibagarura kw'itangiriro. Niba Roma ari nyina w'amadini, ikaba inyamanswa n'ikimenyetso cy'inyamanswa, rero, bakoze ishusho yayo. Inama nkuru, amadini, byose hamwe, bigize ishusho y'inyamanswa bagarutse neza ku kimenyetso cy'inyamanswa kandi ! Imikorere y'isi n'imikorere y'amadini byashyizeho imikorere iriho ikimenyetso cy'inyamanswa.

84 Kandi ibyo murabibona kimwe najye, ko ubu, hagiye kubaho guhatirwa ku byuryo abatarinjiramo, byamaze gutegurwa kubw'izo mpamvu, ikimashini kinini cyamaze gutegurwa ; ibikoresho birahari, bitegereje ko Satani ibishyira mu bikorwa, hamwe n'imbaraga. Murabona ? Nibishyirwa mu bikorwa, nta muntu uzashobora kubwiriza, nta muntu n'umwe, niba atari umunyamuryango w'iyo mikorere. Ngicyo ikimenyetso cy'inyamanswa. Kandi mwibuke, icyo gihe, Umugeni azaba yagiye. Murabona ukuntu igihe cyegereje. Ni byiza. Murabona aho turi ?

Mushobora kubona uko gusenyuka gukomeye, ibirimo kuba ! « Yoo ! Mukanguke mwebwe abera b'Umwami ! Kuki muryama kandi imperuka iri hafi ? » Kuki mukora ibyo ? Muzacumura rimwe kandi umunsi w'ubuntu uzaba wabarangiranye. Ntimugakore ibyo. Yego, yego.

85 Muby'ukuri, iyo mikorere ntizazana amahoro ku isi. Niba ibyo byazana amahoro y'isi, byagendekeye bite Umwami w'amahoro ari we Ijambo ? Ni inyigisho y'uhakana Kristo. Ibyo bitandukanye neza nibyo Imana ishyigikiye, ibyo Yatubwiye iti, « Dore ibitangaza bizakurikira abazaba bizeye » ; Bizera ko ntacayo bivuze. Ibyakozwe n'intumwa 2 : 38, ni ikindi kintu kuri bo, ntacyo babiziho. Ijambo ryose n'ibindi, ntacyo babiziho, bakanabihakana. Ibyo bisohoza neza ibyo umuhanuzi yavuze muri Timoteyo wakabiri igice cya 3 : « Bazaba barakazwa n'ubusa, birata, bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana imbaraga zako, mu minsi ya nyuma. »

86 Iyo mikorere ya kidini ni ikimenyetso cy'inyamanswa. Murabizi. Niba mwarumvise mbivuga mbere, niyo mpamvu nabivuzeho cyane. Muby'ukuri, ubu, ntekereza ko igihe cyashize ; byaba byiza tubivuze kandi tukavuga ukuri kuri ibyo. Imperuka yageze. Ni ikimenyetso cy'inyamanswa, ni byo. Roma yari inyamanswa, kandi yari n'idini, idini rya mbere.

Kandi twayisohotsemo, twebwe abapantekotiste, kugira ngo tutaba abafatanyabikorwa, none twasubiyeyo, « nk'imbwa isubira ku birutsi byayo, n'inguruba isubira mu nzarwe yayo. » ntibitangaje ko imikorere yacu ya gipantekotiste igeze kure, iy'abametodiste nayo, n'iy'ababatiste nayo, n'iy'Inama nkuru Mpuzamadini nayo, n'ibindi ! Bamizwe n'Inama Nkuri Mpuzamadini, bakora ishusho y'inyamanswa, kugira ngo bamutere imbaraga. « Yari yakomeretse ku mutwe, hanyuma abaho », areka kuba Roma ya gipagani, aba Rome ya gipapa. Yoo ! Mbega, Mbega ukuntu abaporo ari impumyi. Kandi niho muri ubu nyine, mwicayemo. Kandi ntacyo mwakora ubungubu. Imikorere yarakozwe. Bazayishyira mu bikorwa batabizi. Bazisangamo, nta kindi. Ntibazashobora gusohokamo. Byamaze gukorwa.

87 Ibyo abantu barabizi. Ibyo byarigishijwe. Mwibuke, Imana yarabihamirije, Yabihamirije n'Ijambo Rye. Ibyo Yavuze ko azakora Yarabikoze. Bityo, nta rwitwazo. Yego.

Ni ibikoresho bibi. Ibyo byashohoje ibyo Yesu yari yaravuze, « Ijambo ry'Imana mwarihinduye ubusa ngo mukomeze imigenzo yanyu. » Mukwanga iryo Jambo ry'Imana, barongera bagasubira mu bintu bimwe, imyigishirize yabo, n'ukuntu bari bameze mu itangiriro, kandi ibyo, birwanya Kristo, bigisha Ijambo ku bizera muri iki gisekuru, bababwira ngo bahakane ibyo.

88 Ubwo Imana yagiraga Ijambo Ryayo umuntu hagati y'ubwoko bwayo, mu gisekuru cya Yesu Kristo, kuri Noheri ya mbere, abafarisayo bakoze nariya madini yose ? Baravuze bati, « Ntukiririrwe ujya muri ariya manama. Uramutse ugiyeyo bazaguca kubera ko wabikoze.

Ntimubona ukuntu ibintu birimo kwisubiramo kandi ? Uriya Mugabo ni nde ? Yize muri he shuri ? Afite ikarita y'abanyamuryango ki ? Aba murihe tsinda ? Urya Mugabo aturukahe ? Aje uno munsi nka kiriya gihe. « Ntabwo twemera ko uriya Mugabo adutegeka. Nta muntu tuzabona utubwira icyo tugomba gukora. Turi aba Unitaires. Turi aba Trinitaires. Turi Abaperesibiteriyani. Turi aba. Ntidukeneye gukurikiza biriya !

Nzi ko mutari mubikore, ariko murakira Ijambo cyangwa mwipfire. Nta kindi. Nta bundi buryo usibye ubwo, ariko ni cyo kitubeshejeho. Ubwami bw'Imana, ntabwo ari ubwami bw'ibi, ntabwo ari ibyo, Ubwami bw'Imana ntabwo ari imikorere y'iyi si. Ni byo Yesu yavuze. Yesu yavuze ati, « Ubwami bwanjye, ntabwo ari ubw'iyi si. Iyo buba bwo, abantu banjye bari kundwanirira. » Ni Ijambo.

89 Turi nka Abraham. Abraham yari yakiriye Ijambo. Kandi ibintu byose bitandukanye n'Ijambo, yabifataga nk'ibitabaho. Kandi umwana w'Imana wese, yemera Ijambo ry'Imana, ibyo undi muntu yavuga byose, ibyo indi mikorere yavuga byose birwanya iri Jambo, Ijambo ni ukuri, uko biri kose.

Imana igusanga ku masezerano Yayo. Hanze yayo masezerano, ntashobora guhura nawe, kuko wamwikuyeho. Niyo mpamvu isi yacu isenyuka. Mu kurangiza, dushobora kuvuga ibi.

Ibitandukanye byose n'Ijambo, ni nkaho bitabaho. Imikorere nk'iyo y'abantu, ntituyirebaho na gato. Nta na rimwe. Kuba twarabatijwe muri ubwo Bwami, ubu twicaye mu ijuru mu buryo bw'umwuka muri Yesu Kristo. Yoo ! Mbega ! Umwami wacu usizwe Arikumwe na twe ; turya ubwo Bwami, Ijambo ryasezeranijwerisizwe kandi rihamirijwe muri twe. Amina ! Ni byiza. Isezerano ry'Ubwami Bwe risohoye imbere yacu neza, nta cyashobora kuritwangisha. Nta na gato.

90 Abraham, nubwo umugore we yarashaje, kandi nawe yarasazaga igihe cyose, ntabwo ibyo byamuteye ikibazo. Ntabwo yashidikanije, kubwo kutizera, , isezerano ry'Imana. Ucyo mwavuga cyose, « Ntibishoboka. Ntashobora kubyivanamo », Yabihagazeho uko biri kose. Kuki ? Umwami yari kumwe na we, amwereka ibizaba, kandi ibyo byabaye nkuko yari yabivuze, yari azi ko yari Imana.

Kandi Imana iyo itanze isezerano, ukabibona, Araritangaza kandi rigasohora hatabuzeho na gato, ni Imana muri kiriya gihe. Yoo ! kurya ayo masezerano yo mu ijuru y'Ijambo Rye ryasezeranijwe muri iki gisekuru ! Yoo ! Kumenya, no kwizera kudakuka ko hariho ijuru rishya n'isi nshya ! Amina ! « Ijuru rishya n'isi nshya, kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byavuyeho. » Ariko muri iryo juru rishya no muri iyo si, Pawulo yaravuze mu ibaruwa y'Abaheburayo ati, « Kuko twakira Ubwami butanyeganyezwa. » Twinjiramo dute ? Ntabwo twinjiramo kubw'imikorere y'iyobokamana ; ariko Ubwami bw'Imana buri muri twe. Ubwami ! Umwami n'Ijambo Rye ni ikintu kimwe, kandi ibyo biri muri mwe, bihamiriza igihe turimo ubungubu. Isezerano Imana yakoze muri iki gihe, turirimo, turikumwe n'Umwami, twicaye mu ijuru mu buryo bw'Umwuka, tumubona Asohoza ibyo bintu.

Ni gute twahakana iryo Jambo kugira ngo duhindukirire imikorere runaka ? Ibyo bikora iki ? Ibyo bihakana Ijambo. Mugomba kwakira cyangwa guhakana Ukuri, mbere yo kwemera ubuyobe. Ni byo rwose. Murabyizera ?

Muri iki gihe turimo, O Mana, isi irimo gusenyuka ! Imbunda za kirimbuzi zimanitse mu bubiko, icyo kintu kimanitse hariya kubwo kubisohoza neza nk'uko byandistwe.

91 Itorero ririteguye. Ryiteguye imbere, ryiteguye kuza. Hazabaho gusukwa gukomeye ku Mwuka, gufata iryo torero no kurijyana mu Ijuru. Yego, yego. Ni byo. Muby'ukuri, murebe Itorero, Ijambo, Umugeni… Kristo, umurimo We uri mu Mugeni We, Umubiri We, Umubiri wo mu ijuru, ndashaka kuvuga Umubiri We udasanzwe hano, ku Mubiri We w'Umwuka ku isi, Umwuka We ubaho neza Ubuzima Bwe aho kugeza aho We n'Itorero baba umwe kubwo gushakana. Murabona, baba umwe. Arabakira, abantu bakeya mu minsi ya nyuma.

92 Hanyuma, abo bakobwa b'isugi baryamye, mu gisekuru, bose barakangutse, murabona. Muby'ukuri, aho, turi mu nkoko za karindwi, igisekuru cy'itorero, icyanyuma, igihe cy'imperuka, Lawodikiya, ku mperuka, aho itsinda rito ryinjiye. Ariko, ibyo bizana izuka ry'abapfuye bose mu bisekuru byabo, babagaho bakurikije iryo Jambo ryari ryarategetswe n'Imana, ryari ryarabwirijwe kandi ryari ryarageze muri kiriya gisekuru, nk'uko twasuzumye biriya bisekuru by'itorero kandi tukabona neza Ijambo bazahura naryo wa munsi. Ni gute Luteri yahagurukijwe, nk'uko twabibonye, mu gisekuru cya Luther, n'inyamanswa ifite mu maso hasa n'ah'umuntu yaserutse, ikigira imbere, yari umugorozi, bisobanuye umuntu. Muby'ukuri, ibisekuru byose, buri wese yasohoje neza ibisabwa n'Ijambo ry'Imana.

93 Kandi iki gisekuru kizabona neza ibimenyetso n'ibitangaza n'ibindi Imana yasezeranije gukora muri iyi minsi ya nyuma. Kandi itorero ubwaryo rizitegura maze rijye mu izamurwa hamwe Yesu ; muby'ukuri, twakira Ubwami butajegajega. Ntibushobora kunyeganyezwa. « Ijuru n'isi bizashira, ariko ubu Bwami

ntibuzarangira. » Amen ! Nishimiye kuba ndi muri ubwo Bwami, uyu mugoroba. Amina ! ntimwishimiye kuba muri bwo ? Yoo ! Mbega ! Kuba uri mu Bwami, Bwonyine !

Mubitekerezeho ! Mutekereza kwisezeranya iki ubwanyu muri iki gihe ? Mu myaka 10 cyangwa mu myaka 15, niba isi izaba ikiriho, buri muntu hano, buri mugabo, hano i Shreveport, buri mugore, bizaba ngombwa kugendana intwaro mu mifuka yanyu kugira ngo mwirindire umutekano. Ingegera ! Ibyo muzabihagarika mute ? Mugerageze.

94 Mu cyumweru gishize, nari New York. Twagenze ibilometero, ahantu hose hari ingegera z'abasore zitoboye amatwi n'imisatsi isutse, n'inkumi zambaye utwenda tw'imbere n'amasutiye gusa, bita bikini, mu muhanda. Abantu bagombaga kubareka ngo babanze bahite. Yoo ! Bite by'iki gihugu ? Ni ikimenyetso cy'abantu bataye umuco, cyahakanye Imana. Nta kindi.

Nigute mushobora kubakira ku makara yazimye ? Ibyo mwabikora mute, n'izo ngegera zizerera mu mihanda, bakarasira perezida mu modoka ye ?

95 Umugoroba umwe, umugabo umwe, mu nzu y'urubyiniro iri ku muhanda ujya mu ntara, arakaye kubera amahugu, yahagaze imbere ya polisi ya Texas yari iri aho, barengaga ijana, yarabegereye, abantu bose bamureba, akuramo imbunda ye yicamo umwe, aragenda. Azaburana avuge ko ari umusazi, kandi azarekurwa.

Aho nyine, mu mujyi wacu, umugabo yinjiye mu igaraje, igaraje rito, ahasanga umuntu ugurisha imodoka. Ntiyamukundaga. Akuramo imbunda ye, amurasa amasasu ane cyangwa atanu. Hanyuma avuga ko ari umusazi ; baramuretse aragenda. Niba baremeye ubusazi kugira ngo barekure uwo mugabo, Oswald nawe azagira amahirwe yo kurekurwa navuga ko ari umusazi.

Ni iki ? Murabona aho tugeze, byose byarononekaye ! Byose ni ibyaha, kandi isi yose iriho urubanza, itorero ririho urubanza imbere y'Imana. Amina ! Ntibitangaje ko turimo dusenyuka. Dusenge.

96 Mwami Yesu, turaje. Igihe ngiki. Yenda igihe kigeze kure uko tutabitekereza. Yenda kononekara kwaramunze, kagungu yaramunze, n'ubuzikira, ku buryo nta buzima bukiriho. Ndagusabye Mana, kugira impuhwe. Duhe Mwami, niba hari umugore cyangwa umugabo, umusore cyangwa inkumi, mu Bwiza Bwawe ubu, batakuzi, bakwakire nonaha ubu, Data. Yenda ni izina rya nyuma ryanditswe mu Gitabo i Shreveport.

97 Mu gihe imitwe yacu yunamye, uwo muntu yaba ari hano, ushaka kuzamura ikiganza kugira ngo avuge ati, « Mwene data Branham, ndemera ko ibyo wavuze byose ari ukuri. Isi irasenyuka, kandi twakiriye Ubwami budashobora gusenyuka. Kandi njyewe, ntabwo nzi neza niba ndi muri ubwo Bwami cyangwa niba ntarimo. » Kuba uvuga mu ndimi, ntacyo bivuze. Nizera mu mpano.

By'ukuri, nizera mu kuvuga mu ndimi. Ariko numvise amadayimoni avuga mundimi, akanazisemura, yandika mu ndimi zitazwi, abapfumu, murabona. Ntiwahagarara kuri ibyo.

Ariko niba Ubugingo bwa Yesu Kristo buzigaragaza muri wowe, mu kwizera buri Jambo ry'Imana. Muby'ukuri, Ntashobora kwihakana, Ni Ijambo.

Muby'ukuri, niba Ari Ijambo, kandi rikaba riri muri wowe, hanyuma ukavuga uti, « Mwene Datata Branhama, reka ngire icyo nkubwira ; ntabwo nshobora kubyakira. Ntabwo nizera ko ibi bintu ari iby'iki gihe », kandi nguyu uwasezeranijwe kuri uyu munsi. Yoo ! Mwenedata, warayobye. Umwuka umwe wakujeho, kandi warakuyobeje.

98 Madamu, niba wowe, cyangwa umugabo, cyangwa uri we wese, niba ibi bintu bigaragara, bigaragara mu Ijambo, ibyo Yesu yapfiriye ; atari ukugira ngo tugire itorero cyangwa kugira itsinda ry'abantu bafite imyuka, ahubwo kugira abantu bafite Umwuka We muzima ; Umugeni We, Ijambo Rye rirahari, buri Jambo ni ukuri. Kandi muzi ko ibyo bitigaragara ku bwanyu, muzi ko hari ibintu, muri Bibiliya, mudashobora kwizera nk'ukuri, urashaka ko tukwibuka mu isengesho ? Noneho, buri jisho rihumirije n'imitwe yacu yunamye, ndibaza niba muri iki gihe aho…

Yenda ni igihe aho umuntu atakigira icyo yitayeho, murabona ; muby'ukuri, hazabaho igihe Umwuka w'Imana uzava ku isi, nta kintu gihari. Itorero rizasigara rivuga ubutumwa bwiza, kuko rigomba kubwiriza abarimbutse by'iteka ryose, neza nkuko buri murimo wabikoze mu gisekuru. Igice cya nyuma cya buri murimo, cyabwirijwe abarimbutse rwose. Kandi hazabaho umurimo muri iki gihe uzabwiriza abarimbutse rwose nyuma yokubihakana.

99 Ariko, niba mu mutima wawe hari igishashi gituma ushaka Kristo muri wowe, kandi abandi bose barapfuye, ushobora kuzamura ikiganza ukavuga uti, « Munyibuke mu isengesho Mwenedata Branham. » Umwami aguhe umugisha. Yego, yego, icumi cyangwa 15. Haba hari undi mbere yuko dusenga ? Noneho, turi hafi yo kurangiza, mu minota 2 cyangwa 3. Imana iguhe mukobwa.

Mubitekerezeho rero, mubitekerezeho, ese twaba twarakererewe ? Ese waba uri umuntu wanyuma

uri ku muryango Atazigera akomangaho ?

Isi irimo gusenyuka, turabizi. Ntushobora kuguma hano, ibyo, ni ikintu kidashidikanywaho. Ntimushobora kuguma hano. Muzagenda. Mubimenye neza, muzajyenda.

100 Ntimugashyuhe. Ntukavuge ngo, « Ndi umunyamuryango w'itorero. » Ubimenye neza. Niba Kristo atari muri wowe, kugeza aho… umwuka wawe wose, umutima wawe wose, ubugingo bwawe bwose, umubiri wawe wose.

Mwebwe, mwavuga muti, « Muby'ukuri, ntekereza ko… » Ntukeneye kugira ibitekerezo, mwenedata. Gira ibitekerezo byari muri Kristo ! » Ntekereza ko ibi bitakagombye kubaho. Ntekerezako atariko Ijambo ribivuga. » ntabitekerezo tugira.

Niba ibitekerezo bya Kristo biri muri twe, tuzamenya ko iri Jambo ari Ukuri. Kandi ko Rizatura muri twe. Ntacyo mwabikoraho, ni Kristo !

Fata ubuzima bw'umwembe ubushyire muri avoka ; izera umwembe. Ntushobora kuyibuza, kuko nibwo buzima buyirimo.

Kandi niba uvuze uti, « Muby'ukuri, ntabwo nizera ibyo, iri Jambo », rero, uwo ntabwo ari Umwuka wa Kristo. Murebe, hari undi mwuka muri wowe.

101 Haba hari undi mbere yuko dusenga ? Imana iguhe umugisha. Nawe, wowe. Yego, ni byiza. Noneho, hari undi ? Noneho akanya gato. Imana iguhe umugisha musore. Nawe madamu ukiri muto. Wowe, mushiki wacu. Imana ibahe umugisha, nawe. Ni byiza. Hari undi ? Imana iguhe umugisha, hariya inyuma.

Mwigira ubwoba. Ntimugire isoni. Ejo nimugoroba, hashobora kuba impitagihe. Murebe ? Yenda nimugoroba, uwo mutima ushobora guhagarara gutera. Wenda uno mugoroba ushobora kubihakana bwanyuma.

102 Ni bangahe hano batarabona Umwuka Wera ? Muzamura ibiganza, muzi neza ko mutarawubona. Yoo ! Mbega ! Ni uko mwinjiramo. Umwuka Wera, ni Kristo. Uko niko mushyirwaho ikimenyetso cyo mu Bwami. Abefeso 4 : 30, « Ntuteze agahinda Umwuka Wera w'Imana wabashyiriweho kuba ikimenyetso, kugeza ku munsi wo gucungurwa. » Kandi niba mutekereza ko iyi Bibiliya itari Ukuri, ubwo umwuka uri muri Kristo nturi muri wowe, kuko Kristo ari Ijambo.

Dore Ubwami butanyeganyezwa, ni Ijambo. Ni Ubwami butajegajega : « Isi n'ijuru bizavaho ariko Ijambo Ryanjye, ntirizavaho. » Niba Ijambo riri muri mwe ! « Nimuguma muri Njye, Ijambo Ryanjye rikaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose, muzagihabwa. Ibikorwa nkora, muzabikora namwe, muzakora n'ibibiruta, kuko Ngiye kuri Data. Hasigaye igihe gito, abisi ntibazambona, ariko mwebwe muzambona, kuko Nzaba ndikumwe na mwe kandi Ndi muri mwe, kugeza mu bihe bya nyuma.

Murebe ibyari ibikorwa Bye, murebe niba ibyo byarongeye muri ibi bihe bya nyuma. Ibyo barabijugunye ? Mu isi yose ! Kandi isi yongeye gusenyuka kuri iyi Noheli, nkuko byari bimeze ku yindi Noheli hariya.

103 Data wa twese wo mu ijuru, ibiganza byinshi byazamuwe hano, uyu mugoroba, yenda 30 cyangwa 40, muri iri tsinda rito ry'abantu, byazamuwe muri uyu mugoroba, byerekana ko bamenye ko bari bari ahantu batagombye kuba bari. Bamenye ko Uri muri bo. Abandi, yenda ikintu kimwe muri Bibiliya, bavuga bati, « Jyewe, ndabyemera kuko ntayandi mahitamo. »

Ariko, Mwami, Wasezeranije ko Uzaba uri Ijambo kandi Uri Ijambo. » Tubona ko imikorere Yawe idahunduka.

Ubwo Wazaga mu Isezerano rya Kera, Wavuze ko Ijambo riza ku bahanuzi. Barahanura kandi ibyo byasohoraga kuko yabaga ari Imana.

104 None, tuzi ko ubwo Watwoherezaga, Ukadutuma kugira abantu bose abigishwa, Waravuze uti, « Ubwo We, Umwuka Wera azaza, Azabibutsa ibyo bintu nabigishije. » Ni ibyo kandi ! « Kandi Azababwira ibintu bizaza. » Iteka ni Imana, « Mu bihe byinshi, no mu buryo bwinshi, Yavuganye na ba data mu kanwa k'abahanuzi, naho muri iyi minsi y'imperuka Yavuganye natwe mu kanwa k'Umwana wayo, Yesu Kristo. » Umwuka Wera ubwawo, yaje ari Uhishura Ijambo ryanditse, Uvuga ibintu by'ahazaza ! Yaravuze ati, « Ijambo ry'Imana rigira ubugi buruta ubw'inkota zose, Rigenzura ibiri mu mutima.

Kandi umunyabyaha, wo mu rusengero, uno munsi ashobora kwicara akabona ukora bimwe, akabyita umwuka mubi, nkuko abandi babikoze mu bihe byahise. « Niba bita Umwigisha Beelzebul », kandi ibyo turabibona.

Mwami Mana, ni iki twakora ubu ? Hano hari imitima ishonje, yazamuye ikiganza. Bakire ubu nyine, Mwami ; uzuza buri mutima urukundo. Biduhe.

105 Mu gihe imitwe yacu yunamye, mwebwe mwazamuye ikiganza, muze hano ku gicaniro, ntimubishyire ikindi gihe, murabona. Ubu nonaha, muhaguruke, vuba muze hano, muhagarare gusa hano. Uyu mugoroba ushobora kuba ari umugoroba waboneramo Umwuka Wera.

Nshuti, mwumve, ibi ntibizahoraho igihe cyose. Bizashira. Birimo birashira ubu nyine, kandi yenda byarangiye. Ariko kuba mugerageza, mushaka kujya kuri Kristo, nuko hari ikintu kigukurura kuri urwo ruhande.

106 Ntimushaka kuza guhagarara hano iruhande kubw'isengesho ? Mwebwe ababishaka, muze hano ku gicaniro, akanya gato, mu gihe twunamishije imitwe yacu. Muby'ukuri, abantu barimo baraza. Ni byiza, muze hano ku gicaniro. Muvuge muti, « Isi irigusenyuka, sinshaka isi muri njye. Ndashaka muri njye Ubwami budashobora kujegajega. »

Yesu yaravuze ati, « Ntakizatakara, Nzamuzura ku munsi wa nyuma. Yego, Nzamuzura. » Yatanze isezerano, rero ntimushobora gusenyuka. Imana izabazura. Uko byagenda kose, Izabazura.

107 Muzi ko umuntu ntacyo yaburizamo ? Nta cyaburizwamo. Mwavuga muti, « Bigenda bite iyo umuriro utwitse ikintu ? Ntabwo kizimangana. Ibikigize biratandukana gusa, hanyuma bikabyara ubushyuhe, ariko ntabwo kizimangana. Ibyo bisubira uko byari bimeze mu itangiriro : aside, gaz, urumuri n'ibindi, uko byari bimeze. Ntacyo washobora kuzimiza. Isi ibayeho igihe kinini, ibyo byakongera bigasubirana bikaba urupapuro, cyangwa ikindi giti, cyangwa ibindi watwitse. Murabona, nta gishobora kuzima. Imana nuko yabiremye.

Yoo ! Niba udashobora kuzimya ikiremwa cy'Imana, ni byo koko, ni kangahe Ashobora kuzura ibyo Yasezeranije !

Ntushaka kuza ? Hari abandi noneho ? Hano hari itsinda rito, nta nubwo ari icyakabiri bazamuye ikiganza. Nari nzi ko mwari mukomeje muzamura ikiganza, cyane nyuma y'ubutumwa nkubu.

108 Ni bangahe muri mwe hano, n'imitwe yanyu yunamye, bazi ko babonye Imana isohoza isezerano Ryayo hano ku gicaniro kandi ko Yari Izi amabanga y'imitima ? Nta narimwe Yigeze Ivuga ikintu ngo kibure gusohora. Murabizi ko ari ibyo. Mu materaniro, ahantu hose, neza neza ibyo Yesu yakoze ubwo Yari hano ku isi. Yongeye kubikora. Murabizi. Murabizi neza. Natekerezaga kugukiza indwara Kwe.

109 Hashize ibyumweru bibiri, mbere yuko njya i New York, umudamu yaje afite kanseri yo mu muhogo. Umwuka Wera yaramuvugishije mu materaniro. Yari ari aho kucyumweru, yari afite kanseri mu gitambararo, yarakoroye arayicira. Abaganga barayisuzumye maze baravuga bati : « Ubuzima bwasohotse muri kanseri, hanyuma irakoroka. » Yarakoroye arayicira.

Undi yarafite kanseri mu mura w'ababyeyi. Yari ayifite aho nyine, ku ifoto yagizwe nini, n'ubuhamya bwanditse bw'abaganga. Yari amaze iminsi ibiri imusohotsemo.

110 Umwana muto yari ahagaze aho yataye ubwenge, hashize amezi n'amezi. Yari yaraguye avunika ijosi. Ntiyari akibuka uwo ari we naho yari ari. Twavuze isengesho rito, murambikaho ibiganza, ndavuga nti, « Ufite imyaka ingahe ? » Aravuga ati, « Imyaka icyenda. » Arabaza ati, « Ndi he ?

Imbararga z'Imana ! Nifuzaga ko mwamperekeza mwamperekeza muri Colorado mu byumweru bishize, mukabona ikintu cyahabaye, mwari kumirwa. Turi mubihe byanyuma, nshuti. Ntimukabishyire ikindi gihe. Muze. Niba hari undi hano, ngwino, ndakwinginze ! Urashaka kuza ?

111 Noneho niba utaje, sinshobora… Icyo nshobora gukora ni ukukubwira Ukuri, murabona ; ahasigaye, birakureba. Ni nka Nowa, yarinjiye, inkuge yari yafunzwe, hamaze umwanya ntakibaye ; ariko hanze, isi yari yarimbutse kuko isi yari yakomeje kubaho nkuko bisanzwe. Murabona ?

Pilato yarakomeje, amaze kubamba Yesu. Nzabibwirizaho muri ino minsi : Amaraso ku biganza byanyu, Umwami nabishaka. Murebe, haba hari undi mbere yuko dusoza ?

112 Noneho, ngiye kubaza abagabo n'abagore biyeguriye Imana, bazi Imana, baze hano bashyire ibiganza kuri aba bantu. Ibi bishobora kuba ari ubwanyuma babonye aya mahirwe. Bamwe muri mwe biyeguriye Imana kandi bazi Imana, muze hamwe naba bantu. Bafite amakarita y'ibara rya roza, hafi ya bose, ibyo byerekana ko ari abanyamahanga muri mwe. Ntekereza ko ari byo. Muze mubarambikeho ibiganza. Bamwe mubo muri Life Taberncle, muze hano. Muri mwe hari benedata bashaka kuza ? Nimuze, isaha ni iyi. Ibi ntimubikunda, nshuti zanjye ? Yoo ! Mbega ! Umuhate wacu uri he ? Yoo ! Mbega ! Kiri he cya kintu gituma tujya mbere ? Ni iki ? Noneho, reka iri teraniro ryumve iri sengesho akanya gato.

113 Mwebwe muhagaze hano, murebe, ntimwishingikirize kubyo guhinda imishyitsi kwanyu, n'ubwo ibi bituma muhinda umushyitsi. Ntiwemere kubera ko wibwira ko ushobora kuvuga mu ndimi. Ntugire icyo ubitekerezaho. Imana izabyimenyera. Murabona. Musabe Yesu Kristo aze mu bugingo bwawe kandi Abe muri wowe. Ntimukeneye ibitekerezo byanyu. Mukeneye ibitekerezo Bye, « Mugire muri mwe ibitekerezo byari muri Kristo. » Yoo !

Ibi rero, mugiye kumva ibi bintu ku nshuro ya nyuma. Noneho, mwumve, ndashaka ko iteraniro ryose muhaguruka. Mwebwe, bakundwa mwaje hano kubw'umubatizo w'Umwuka Wera, ejo, ni Thanksgiving (Umunsu w'Umuganura) ; ejo ntabwo ari umunsi w'akazi. Ibi ni iby'Ubugingo bwanyu, mwenedata, mushiki wanjye. Ibi niyo maherezo yanyu ahoraho. Ibi ni nonaha gusa. Kandi mu gihe mwumva ka rukuruzi ! Kandi mutekereze uku Kuri kose, yagaragajwe aho imbere yanyu. Ntugapfe kubera ibyo bintu, nshuti. Biragaragara. Byarageragejwe, birafatika, biratunganye buri gihe. Ni Ijambo rihamirijwe.

114 Ndabona umugabo uhagaze hano. Ntabwo nibuka izina rye. Ntekereza ko ari Blair, revera Blair. Ubwo nari i Hot Springs, nta gihe gishize, nabonye uyu mugabo mu materaniro, yicaye aho, umwuka mubi washakaga kumuzaho, ushaka gutuma atanyizera. » Noneho, mukurikire ibyabaye. Naravuze nti, « Yenda umunsi umwe uzankenera, murabona. Nta byumweru byahise, umugore we aranterefona, avuga ko uyu mugabo arimo apfa. Murabona ?

Kandi uwo mugabo yari yemeye, yari yamenye ko ari satani yashakaga ku mwumvisha ko ari ikinyoma cyangwa ikindi kintu nk'icyo. « Ariko se, yabimenye ate ? » Twaramusengeye twirukana uwo mwuka mubi wari muri we.

115 Hanyuma, hashize ibyureru, satani yamenye ko uyu mugabo azaba aryamye kubera ikibyimba mu rubavu, ntekereza ko ari icyo umugore we yavugaga, cyangwa ikintu nk'icyo, afite umuriro mwinshi, yaravugishwaga ; ntabwo yari azi icyo ari cyo, ikibyimba mu kwaha, yari yabyimbye mu maha. Nuko umugore we aranterefona i Tucson. Naravuze nti, « Mushiki wanjye, ufite umushwari ? » Ntekereza ko yari afite igitambaro cyangwa ikintu nk'icyo. Ndavuga nti, « Gifate ugishyire kuri mwenedata Blair, mu Izina rya Yesu Kristo. » Kandi ni we wari wamubwiye ngo aze kunterefona.

Iyo satani ituma ahakana, izi neza ko ibyo bizaba, ntabwo aba ari ahano na Bibiliya ye ku mutima. Murabona ?

Ni Satani ishaka gutuma muhakana Ibi. Ntimukayumve. Mwibuke, « Yesu Kristo, uko Yari Ari ejo, niko Ari none n'iteka ryose. » Murabona, ibyo bintu niko bimeze.

Noneho, twebwe hano twese, mwebwe muri hano ku gicaniro, tuzamure ibiganza kandi tuvuge tuti, « Mwami Yesu, ngwino umfashe ubu », abantu mwese musenge.

116 Data wa twese wo mu ijuru, duteraniye hano, o Mana, ni ikibazo cyo gupfa no gukira kuri aba bantu bateraniye hano. Umwuka Wera winjire mu bugingo bwabo nonaha. Imbaraga z'Imana zize, zimwe zabazanye hano ku gicaniro, reka zize kuri bo mu muzuko wa Kristo kandi Abahe Ubugingo Buhoraho bashaka ! Mwami, amatorero arimo arapfa ahantu hose, amazi ya kimwuka ashobora kuba yarakuwe ku isi. Mu gihe hari umwanya wo kuza ku Iriba, biduhe, o Mwami, yaba ubugingo bwabo bwumye, bushonje kandi bunyotewe Imana, bwuzure Umwuka Wera ubu nonaha. Biduhe, Mwami. Impuhwe zawe n'imbabazi zawe bibe kuri bo.

117 Noneho, mugumishe imitwe yanyu yunamye… Mukomeze, mukomeze musenge. Abantu bose, mukomeze gusa gusenga. Ndabasengera. Nshobora gukora ibiri mu bushobozi bwanjye, ariko nsinshobora kubaha Umwuka Wera. Imana niyo yawubaha. Mutekereze Kristo ari imbere yanyu, mu bitekerezo byanyu. Murebe hariya maze murebe, niba mubona Kristo imbere yanyu, mu gihe muhumirije. Hanyuma mwinjire muri We maze muvuge muti, « Mwami, Yesu, ndaje. Wowe na njye, tugiye kuba umwe kuva ubu. Nizeye Ijambo ryose wambwiye uyu mugoroba. » Noneho, mugume aho, mukomere gusa kuri byo, muramutse mubikomeyeho uyu mugoroba, ejo, umunsi ukurikiyeho, mubikomereho kugeza aho ibyo byose birangira, musenga, mwizera ko Imana ibuzuza Umwuka Wera.

Ngwino hano Don ; bayobore mu isengesho. Imana iguhe umugisha, Don.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7